


Projet DVJP . Umushinga w'Ubwiyunge Nyakuri

Guide de la Réconciliation pour la Paix – Umuyobozi w'Ubwiyunge mu Mahoro
Ubwiyunge buyobowe n'Amategeko, bunyuze mu Ukuri, Ubutabera n'Imbabazi
La Réconciliation par le Droit, la Vérité, la Justice et le Pardon
Umushinga wigenga utabogamiye kuri politiki y'amashyaka n'ubutegets
Uharanira politiki mpuzabanyarwanda n'ubutabera mpuzabantu

www.projet-dvjp.net **Tél. +32 474601712** projet-dvjp@outlook.com

Impinduka nziza ikorwa n'ibitekerezo bishya !



RWANDA

IMPINDUKA Y'UBWIGENGE BUSESUYE BW'ABANYARWANDA

Aloys MUSOMESHA

**Iyi nyandiko nyituye
abanyarwanda baharanira ubumwe n'ubwiyunge nyakuri**

Kuwa 25 Nyakanga 2020

RWANDA

IMPINDUKA Y'UBWIGENGE BUSESUYE BW'ABANYARWANDA

Umunyarwanda yagize ati:

« Ntabwo kuva ku ngoma ya Cyami twigeze tubona ingoma ishobora kwemera uvuga ibidahuye nayo.»

I. UKWEZI KW'IMPINDUKA ZA POLITIKI MU RWANDA

Kuva Urwanda rwabona ubutegetsu bwa Repubulika yavanyeho ingoma ya Cyami tariki ya 28 Mutarama 1961, twagize izindi mpinduka za politiki 3 zose zabaye ari mu kwezi kwa karindwi.

1° Tariki ya 1 Nyakanga 1962 URwanda rwabonye ubwigenge kuko ubutegetsu bw'abakoloni bwavuyeho, maze rushyiraho politiki ya demokarasi ishingiyeye ku mashyaka.

2° Tariki ya 5 Nyakanga 1973 ubutegetsu bwa Repubulika ya mbere bw'abasivili bwahiritswe ku ngufu za gisilikare n'ingabo z'igihugu zashyizeho ubutegetsu bw'ishyamba rimwe rukumbi.

3° Tariki ya 4 Nyakanga 1994 FPR-Inkotanyi yari igizwe n'impunzi z'abanyarwanda yafashe ubutegetsu ikoresheje nayo ingufu za gisilikare imaze gutsinda intambara yatangije tariki ya 1 ukwakira 1990. Iyo ntambara yahitanye abantu benshi kandi iherekezwa n'ubwicanyi ndimburambaga bw'indengakamere burimo itsembabwoko ryuho muri 1994.

Izo ngoma z'ubutegetsu zose zubakiye kuri politiki y'Inyabutatu-ngirwamoko Hutu-Tutsi-Twa. None ko bigaragara ko ukwezi kwa karindwi ari ukw'impinduka za politiki, umunsi w'amahoro uzahuza kandi ukunga abanyarwanda bakagira ubumwe uzaba uwuhe ?

Nyuma y'ishingwa rya Repubulika, twabonye **ubwigenge bw'igihugu** mu butegetsu ariko ntitwabonye **ubwigenge bw'abenegihugu** kuko abanyarwanda twagumanye bimwe mu bitekerezo by'ingoma za cyami na gikoloni. Impinduka za politiki iyobowe n'abasilikare nazo kandi ntizatugejeje ku bwigenge n'ubwisanzure kuko nta **bumwe** nyakuri twashoboye kugira. Twakwibohora dute ibyo bitekerezo kugirango tugere kuri ubwo bumwe n'ubwigenge busesuye ?

Kuva aho intambara yatangiyeye 1990 n'itsembabwoko birangiriye muri 1994, icyunamo cy'amezi 3 twibukamo abazize ubwo bwicanyi gikurikirwa n'umunsi w'isabukuru y'ubwigenge bw'igihugu cyacu tariki ya 1 Nyakanga. Uwo munsi ariko bamwe mu banyarwanda ntibawibonamo kuko utashoboye kuduha twese. Koko rero, ubwo bwigenge bw'igihugu bwagezweho abanyarwanda bamwe, barimo abenshi b'abatutsi, bamaze guhunga imyivumbagatanyo y'abahutu bashakaga iyo Repubulika yatangiranye na Revolisiyo yo muri 1959. Ari nacyo gituma uwo munsi utizihizwa uko bikwiye, kuko **igihugu cyabonye ubwigenge nta bumwe dufite**. Kubera izo mpamvu, buri munyarwanda wese akaba akwiye kwibaza icyakorwa kugirango tugere noneho kuri ubwo bumwe bwatuma tugira ubwigenge busesuye bw'Abanyarwanda. Ibiganiro ku ngirwamoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa rero birakenewe.

Muri uyu mushinga¹, dusanga ubwo bumwe butashoboka mu gihe tugifite indwara y'ironakoko n'ivangura ryatugejeje kuri iryo tsembabwoko n'ubundi bwicanyi bushingiye ku *ngirwamoko* y'abahutu, abatutsi n'abatwa nita ko ari *amoko ya politiki*². Niyo mpamvu dukwiye guharanira **politiki mpuzabanyarwanda** dushaka umuti n'urukingo by'iyi ndwara, tukayoboka inzira y'**Ukuri** n'iy'**Ubutabera bwigenga** kandi **tukababarirana** kugirango twiyunge by'ukuri. Ubumwe n'ubwigenge busesuye tuzabugeraho nidutsinda politiki y'Inyabutatu-gatanyu-gateranya, tukubaka **Repubulika yunze ubumwe y'abanyarwanda (République Unie du Peuple Rwandais)**.

¹ Uyu mushinga ugendera ku mahame ane (4 principes): nta ruhande ubogamiyeho (neutralité), urigenga (indépendance), ibitekerezo byawo ntawe bibera (impartialité) kandi ugendera ku bwizerane (confiance).

² HUTU, TUTSI na TWA ni INGIRWAMOKO kuko atari amoko mu by'ukuri. Yagizwe AMOKO na politiki. Niyo mpamvu ari AMOKO YA POLITIKI nkuko mbisobanura mu gice cya II. 3.2 cy'iyi nyandiko. Iri zina "INGIRWAMOKO" ni yo mvugo mu by'ukuri ishobora kuyatandukanya n'amoko yo mu muco nyarwanda.

II. DUSHAKE UMUTI N'URUKINGO BY'IRONDAKOKO N'IVANGURABANYARWANDA MAZE TWUBAKE UBUMWE MU BWIGENGE BUSESUYE

1. Irondakoko n'ivangura bisobanura iki ?

Ibisubizo kuri icyo bibazo turabisanga mu **ingingo ya 2 y'itangazo rya UNESCO (Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe uburezi, ubumenyi n'umuco) ryo kuwa 27 Ugushyirye 1978 ku bwoko n'akarengane gashingiye ku moko** (Article 2 de la Déclaration de l'UNESCO du 27 novembre 1978 sur la race et les préjugés raciaux). Kubera ko iyo ngingo nayivanye mu rulimi rw'igifaransa nkayihinduzira mu rulimi rwacu rw'Ikinyarwanda, nahiseho kuyivugaga muri izo ndimi zombi, kuko buri wese ashobora gukoresha andi amagambo adahuye nayo nakoresheje.

1°. Toute théorie faisant état de la supériorité ou de l'infériorité intrinsèque de groupes raciaux ou ethniques qui donnerait aux uns le droit de dominer ou d'éliminer les autres, inférieurs présumés, ou fondant des jugements de valeur sur une différence raciale, est sans fondement scientifique et contraire aux principes moraux et éthiques de l'humanité.

Inyigisho iyo ariyo yose igereranya kandi igasumbanisha inkomoko n'amoko by'abantu, ku buryo iha bamwe ubwibone n'ubuzare bwo kuyobora abandi no kuba babishatse bashobora kubatsemba nk'aho bo atari abantu buzuye, isumbanya abantu, bene iyo nyigisho nta reme ifite ntinashobora kugumaho kuko nta mpamvu n'imwe ishingiyeho ikaba ahubwo yototera amahame-remezo n'imigenzo myiza biranga inyoko-muntu.

2°. Le racisme englobe les idéologies racistes, les attitudes fondées sur les préjugés raciaux, les comportements discriminatoires, les dispositions structurelles et les pratiques institutionnalisées qui provoquent l'inégalité raciale, ainsi que l'idée fallacieuse que les relations discriminatoires entre groupes sont moralement et scientifiquement justifiables; il se manifeste par des dispositions législatives ou réglementaires et par des pratiques discriminatoires, ainsi que par des **croyanances** et des actes antisociaux; il entrave le développement de ses victimes, pervertit ceux qui le mettent en pratique, divise les nations au sein d'elles mêmes, constitue un obstacle à la coopération internationale, et crée des tensions politiques entre les peuples; il est contraire aux principes fondamentaux du droit international et, par conséquent, il trouble gravement la paix et la sécurité internationales.

*Irondakoko rigirwa n'intekerezo zose zishingiye ku mavuko n'ubwoko, imyifatire igendera ku karengane gashingiye ku moko, n'imyumvire ivangura ; iryo rondakoko rikagaragarira na none kandi mu mabwiliza, amategeko, imigenzo, n'imigilire y'inzege za Leta ziba zarashyirirweho kwimakaza ubusumbane mu bantu ku buryo hahoraho **imyumvire ifitse** mu mikorere n'imibanire y'abantu bihereye ku busumbane bwitwako bufitse impamvu zumvikana. Iryo rondakoko kandi rinagaragazwa n'amategeko cyangwa amabwiriza bihumeka ivangura, rikagaragazwa kandi n'**imyumvire** kimwe n'ibikorwa byototera umubano mu bantu. Iryo rondakoko ni inzitizi ku iterambere n'ubwisanzure by'abarigirirwa, kandi rituma abarikuririza bakanarigenderaho bagenda baba babi kurushaho, rikagonganisha abaturage hagati yabo rikaba kandi n'inzitizi mu butwererane hagati y'ibihugu ku buryo rishyamiranya abaturage ; iryo rondakoko rinyuranye cyane n'amahame-remezo agenga amategeko mpuza-mahanga kandi rikaba riburizamo amahoro n'umutekano by'abatuye Isi.*

3°. Le préjugé racial, historiquement lié aux inégalités de pouvoir, se renforçant en raison des différences économiques et sociales entre les individus et les groupes humains, et visant encore aujourd'hui à justifier de telles inégalités, est totalement injustifié.

Akarengane rero gashingiye ku moko, witegereje amateka yako, usanga karakomotse ku bwiganze bwa bamwe bikubiye ubutegetsi ; ku buryo ako karengane kagiye gashinga imizi bitewe n'ubusumbane mu butunzi bw'abantu no mu mibanire yabo n'imiryango yabo, iryo vangura rikaba rigamije, no mu gihe tugezemo, guhamya ubusumbane mu bantu ; bene iryo vangura rero ntiryagombye kugumaho kuko nta mpamvu n'imwe rishingiyeho³.

³ Byahinduwe mu Kinyarwanda n'umunyarwanda tutavuze amazina.

2. Irondakoko n'ivanguramoko ya politiki mu Banyarwanda

Iyo dusesenguye amateka, dusanga igihugu cyacu URwanda cyarayobowe n'ubutegetsu bw'abatutsi cyangwa bw'abahutu, haba mu nzego za politiki cyangwa mu ngabo z'igihugu, ari mu Bwami n'igihe cy'ubukoloni cyangwa muri Repubulika. Ingaruka z'ubwo buyobozi twarazibonye. Ingoma n'ingabo z'abatutsi zakandamije abahutu n'abatwa, iz'abahutu nazo zikandamiza abatutsi n'abatwa. Ndetse muri ubwo butegegi bwose, bamwe mu bahutu n'abatutsi barahohotewe abandi baricwa, abatwa bakomeza gukandamizwa, bese bazira ingirwamoko barimo.

Izo ngoma zose rero zaranzwe n'irondakoko n'ivanguramoko ya politiki y'Inyabutatu. Niyo mpamvu abanyarwanda tudashobora kureshya imbere y'amategeko mu gihe abari mu *bwoko bwa politiki* bumwe batoneshwa, abandi bagakandamizwa.

Muri iyi nyandiko ngiye kwerekana uburyo twakoresha kugirango iryo rondakoko n'iryo vanguramoko ya politiki bicike burundu. Bitari ukubivuga mu ma disikuru na za programu z'amashyamba ya politiki gusa cyangwa kubandikira mu mategeko y'igihugu ariko ntibishyirwe mu bikorwa. Politiki yahuza abanyarwanda yaba iyihe rero ?

Ntabwo hano nsesengura amateka y'abahutu, abatutsi n'abatwa uko yanditswe n'abandi, ariko icyo mpamvu ni uko ayo mateka arimo ibinyoma binyuranye byacuzwe n'ubutegetsu uko bwagiye busimbirana. Kimwe muri ibyo binyoma, ni uko abakoloni bavuze ko abahutu, abatutsi n'abatwa mu rulimi rw'igifaransa ngo ari « ethnies », ibyo babyemeza ngo bashingiyeye ku miterere y'imibiri y'abanyarwanda: ngo abatutsi ni barebare kandi bafite amazuru maremare, ngo abahutu ni bagufi kandi bafite amazuru magufi, naho abatwa ngo bakaba ari bagufi cyane kuri abo bandi. Nyamara muri urwo rulimi rw'igifaransa abo bakoloni baje bavugaga bakandarutwigisha, iryo jambo « ethnies » risobanura *abantu bahujwe n'uko basangiye urulimi, umuco, inkomoko cyangwa batuye hamwe mu gihugu. Kandi abahutu, abatutsi n'abatwa basangiye ibyo byose*⁴.

Iyo urebye neza rero, usanga ahubwo icyo nyito « ethnies » abakoloni bakoresheje barayigoretse kuko mu by'ukuri bashakaga kuvugaga ko abahutu, abatutsi n'abatwa ari « race »⁵ ukurikije icyo iryo jambo rivugaga mu rulimi rw'igifaransa, ariko wenda batinyaga ko baregwa gukora irondakoko « racisme » kandi mu by'ukuri ari ryo barimo kubibaza mu banyarwanda, babishakaga cyangwa batabishakaga. Iryo jambo « race » risobanura « igice cy'abantu bamwe bahuriyeho kuba basa ku miterere imwe y'imibiri yabo cyangwa y'umuco wabo bidafite icyo bashingiyeho cyumvikana, kandi imikoreshereze yabyo ikaba ariyo isasira irondakoko n'ibikorwa byayo ».

Iki ni kimwe mu bimenyetso byerekana ko ayo moko ari aya politiki nkuko mbivugaga, cyane ko ari abanyepolitiki bemeje ko ngo ari « amoko » nyine. Ibyo bimenyetso bisobanuye muri iki gice cya II.3.2. Inyito « amoko ya politiki » ni yo rero irimo ukuri. Kubera ko abanyarwanda tutigeze twiga iki kibazo cy'ayo ngirwamoko ngo tukiganireho, ntitugifiteho n'imyumvire imwe.

Ibyo ari byo byose, byaba « ethnies » cyangwa « race », muri ayo magambo yose nta na rimwe rikwiriye abanyarwanda. Icyo kinyoma cy'abakoloni kivugaga ko abahutu, abatutsi n'abatwa ngo ari « ethnies », abanyepolitiki bacu baracyemeye maze nabo bacyemeza abanyarwanda, kandi bari basanzwe bazi neza ko bitwaga gutyo bitewe gusa n'ubutunzi bwabo n'imibanire yabo mu miryango yabo, ibyo mu gifaransa bita "classes sociales". Maze bemeza Rubanda ko abahutu, abatutsi n'abatwa ngo nabyo bibaye « amoko », kandi iryo jambo « amoko » ryarasobanuraga yayandi ya gakondo y'abanyiginya, abasinga, abagesera, n'ayandi ubu twibagiye. Iyo ubajije umuhutu n'umututsi ikibatandukanya nta gisubizo ubona, nubwo mu mitwe yabo bombi bafite bimwe navuze by'abakoloni ariko bagatinyaga kubivugaga kuko bazi neza ko biteye isoni kandi ko nta shingiro bifite (une théorie honteuse et sans fondement scientifique).

⁴ Reka mbereke icyo iryo jambo « ethnies » rivugaga ku bumva urulimi rw'igifaransa maze namwe mwiyumvire ko ntaho bihuriye n'ibyo bavuze. Ibitangazwa na Wikipédia: « Une ethnies ou un groupe ethnique est une population humaine qui considère avoir en commun une ascendance, une histoire (historique, mythologique), une culture, une langue ou un dialecte, un mode de vie ; bien souvent tous ces éléments à la fois. L'appartenance à une ethnies ou ethnicité est liée à un patrimoine commun, que ce soit la tradition, des coutumes, la culture, l'ascendance, le rôle social, l'origine géographique, la langue ou le dialecte, l'idéologie, la philosophie, la religion, la mythologie, la cuisine, l'habillement, la musique... »

⁵ Dictionnaire Larousse: "Race" est une « catégorie de classement de l'espèce humaine selon des critères morphologiques ou culturels, sans aucune base scientifique et dont l'emploi est au fondement des divers racismes et de leurs pratiques. »

Kubeshya ko ibyari *classes sociales* bibaye *ethnies* byari muri ya ntego ya politiki yo gutanya abantu kugirango ubone uko ubategeka « *diviser pour régner* ». Kuko ntibyakwumvikana ukuntu abanyamahanga bazi urulimi rw'igifaransa kurusha abanyarwanda bayoberwa icyo ijamba « *ethnie* » risobanura. Na n'ubu, muri iki gihe tugezemo, nubwo abanyarwanda twageze mu mashuri, turacyakomeza kwemeza ko abahutu, abatutsi n'abatwa ngo ari « *ethnies* ». Ndetse no mu rwego mpuzamahanga, icyo KINYOMA cyahawe intebe, ku buryo cyemejwe nkaho ari UKURI. Iki kinyoma tuzacyivanamo bigenze gute? Twibuke ko icyo kinyoma kiri mu byagendeweho n'abicanyi bishe abahutu kimwe n'abishe abatutsi babaziza ayo moko ya politiki. Ibi bintu murabona tudakwiye kubivamo koko !

3. Ibimenyetso byerekana ko INYABUTATU igizwe n'amoko ya politiki

Mbere y'uko nsobanura uburyo Abahutu, Abatutsi n'Abatwa ari *amoko ya politiki*, nagirango mbibutse **amoko y'ukuri dusanga mu muco karande w'abanyarwanda**. Hari *abasinga, abasindi, abazigaba, abagesera, abanyiginya, abega, ababanda, abacyaba, abungura, abashambo, abatsobe, abakono, abaha, abashingwe, abanyakarama, abasita, abongera, abenengwe* n'ayandi nshobora kuba nibagiwe. Mu gifarasana, ayo moko yiswe « **clans** » akaba ari ay'imiryango gakondo y'abanyarwanda.

3.1 Ubuhamya bwanjye

- Niga mu mashuri abanza, nigeze kubaza mwalimu igitandukanya ayo moko yo mu muco nyarwanda n'amoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa. Nti kuki yose yitwa "AMOKO"? Yanshubije ko ayo ya mbere uko ari 18 yitwa ko ari UBWOKO naho ayongayo atatu (3) ya kabiri akaba ariyo yitwa AMOKO. Mubwiye ko jye numvaga ayo 3 ariyo akwiye kwitwa UBWOKO kuko ari make, naho ayo 18 akaba ariyo yakwitwa AMOKO kuko ari yo menshi, ambwira ko ngomba kubifata uko abimbwiye. Ni uko mbyemera ariko ntabyemeye.
- Ku itariki ya 7 Mata 1994, Prezida yaraye yishwe, nagiriyeye inama umunyarwanda guhisha indangamuntu yari afite kuko yari yanditsemo ko ari *umututsi*, mubwira ko turi bubwire abaza kumubaza ibyangongwa ko ari *umuhutu*, ko irangamuntu ye bayimwibiye aho bategera imodoka (gare routière), kuwa 6 Mata aje kunsura⁶. Mubwira ko guhera uwo munsu agomba kwumva ko abaye umuhutu. Yabanje kubyangira kubera ubwoba ariko aza kubyemera, indangamuntu ye turayishisha. Uwitwa Nyumbakumi aje mu rugo kutubarura ni ko twamubwiye arabyemera, yandika ko ari umuhutu, nyuma aza kurokoka itsembabwoko. Nashoboye kandi kwemeza umuyobozi wo muri ako gace nari ntuyemo, mu giterane cy'abaturage, ko undi munyarwanda w'iwacu kavukire wari waje gusura umuturanyi wanjye ari umuhutu. Abo baturage b'aho ntibari bamuzi. Ariko we yiyumvagamako ari umututsi. Nanone icyo gihe cy'itsembabwoko, hari abandi banyarwanda 3 (nabo biyumvagamako ari abatutsi) nzi neza bari bafite amarangamuntu yanditsemo ko ari abahutu banyuze kuri za barrières z'interahamwe berekana amaragamuntu yabo, bava i Kigali bagera Cyangugu barambuka bahungira muri Zaïre bararokoka. Abo bose ariko Imana bagize ni uko batari bari iwabo kavukire aho bari bazwi ko ari abatutsi. Ibyo maze kuvuga nabihagazeho.

3.2. Bimwe mu bimenyetso by'uko HUTU, TUTSI na TWA ari AMOKO YA POLITIKI

◆ Ibyiswe ko ari inkomoko z'ayo ngirwamoko n'ibiyaranga

Ingingo ya 1. Buri ngirwabwoko bw'Inyabutatu nta bisekuru bugira. Abahutu, abatutsi n'abatwa ntibagira abo bakomokaho batandukanye bazwi. Ni cyo kigaragaza ko ya ngengabitekerezo ivuga ko ngo abatutsi bakomoka muli « Ethiopie », abahutu ngo muli « Tchad », abatwa bakaba ari bo gakondo mu Rwanda, ari ikinyoma kuko ibyo byari uburyo bwo kuyobya amarari. Ese ayo ngirwamoko yose ko avuga ikinyarwanda, muri ibyo bihugu bya Ethiopie na Tchad naho bavuga (ga) ururimi rw'ikinyarwanda? Niba se abahutu n'abatutsi barigiye urwo rurimi rw'ikinyarwanda ku batwa basanze mu Rwanda, izindi ndimi baje bavuga ni izihe ko tutigeze tuzumva?

Ingingo ya 2. Ibyiswe ko biranga abahutu, abatutsi n'abatwa ntabwo bihora ari bimwe buri gihe, yemwe ndetse no ku bitwa ko bahuje ingirwabwoko, kandi nta shingiro bifite. Nta kintu cyumvikana kiranga ayo

⁶ Mw'ijoro ryo kuwa 6 rishyira uwa 7 Mata ni bwo indege yari itwaye prezida w'U Rwanda n'uw'U Burundi n'abo bari kumwe bose yari yaraye ihanuwe, bose bakitaba Imana. Mu rugo iwanjye twabimenye mu gitondo kare dukanguwe n'urusaku rw'amasasu.

ngirwamoko. Rimwe abanyepolitiki batubwiye ko ngo ibiyaranga ari uko abahutu bari abahinzi, abatutsi bakaba aborozi, abatwa bakaba ababumbyi b'inkono. Nyamara muri iki gihe abanyarwanda benshi bayiyumvamo kandi nta mulimo n'umwe muri iyo bakora. Ubundi abanyepolitiki batubwiye ko ngo abahutu ari abanyarwanda bafite amazuru magufi kandi bakaba bagufi, naho abatutsi bakaba barebare kandi bakagira amazuru maremare, naho abatwa ngo bakaba ari bagufi kuri abo bese. Iryo "NGIRWA-TEKA" ngo ryashyizweho n'abakoloni. Ubwo se twakwemera iki tukareka iki? Kandi ibyo byose ntaho bihuriye n'igisobanuro cy'ijambo "*ethnie*" ryo mu rulimi rw'igifaransa ryemejwe ko ngo ari ryo rikwiriye muri urwo rulimi rw'abazungu. icyo gikorwa cy'urukozasoni cyo gupima abanyarwanda cyadutesheje agaciro k'ubumuntu bwacu.

Irindi kosa abanyepolitiki bakoze ni uko bigishije Rubanda ko ngo umunyarwanda wese avukana ingirwabwoko bwa se, nkuko bimeze kuri ya moko yo mu muco nyarwanda. Nyamara iyo nyigisho ivuguruzanya biriya byitiriwe ko biranga abahutu, abatutsi n'abatwa kuko umwana adashobora kuvuka ari umuhinzi cyangwa umworozi cyangwa umubumbyi w'inkono. Iyo ni imyuga buri muntu wese ashobora gukora kandi si ngombwa ko umwana akora umwuga wa se. Nta munyarwanda wigeze avukana isuka, itungo cyangwa inkono nka byandi batubeshye ngo umwami avukana imbuto ...

Uretse n'abanyarwanda bageze mu mashuri, umuntu wese uciye akenge azi neza ko, kubera ko umwana abyarwa n'ababyeyi babiri, umubiri we ugira imvange y'amaraso y'abo babyeyi bombi.

Iki kimenyetso kirerekana ko kuvuga ko biriya ari byo biranga abahutu, abatutsi n'abatwa ari ikinyoma cyambaye ubusa !

Ingingo ya 3. Nta na hamwe abanyepolitiki bigeze basobanura ayo ngirwamoko icyo aricyo, nta tegeko bashyizeho riyasobanura ngo rivuge ikiyatandukanya kuko ntakibaho. Kuba batabikora ni uko bazi neza ko atari amoko mu by'ukuri, uretse muri politiki yabo. Ahubwo babeshye Rubanda bemeza kuyashyira mu ndangamuntu nyarwanda no mu zindi nyandiko zo mu butegetsi nkaho ari kimwe mu biranga ubunyarwanda. Kandi ntibigeze bashyiramo ya moko gakondo y'umuco nyarwanda. Niba atari amoko ya politiki kuki yashyizwe mw'irangamuntu? Kugeza muri 1994, indangamuntu y'umunyarwanda yari n'indangabwoko ya politiki. Yari nk'ikarita y'ishyaka rya politiki. Turazi ko ibyo byorohereje ivangura banyarwanda kugeza ku itsembabwoko ryo muri 1994. Ni byiza ko ayo ngirwamoko twavanyeye mu ndangamuntu ariko igisigaye ari nacyo gikomeye, ni ukuyavana muri politiki no mu mitwe yacu, kandi nayo tukayavanamo politiki.

Ingingo ya 4. Guhindura ingirwabwoko ugafata ubundi biremewe kandi byahozeho kuva kera kugeza n'ubu. Ni nko guhindura ishaka rya politiki muri iki gihe, kuko ari uburenganzira bwa buri wese ushaka gukora politiki. Ariko, kera umunyarwanda yahinduraga ingirwabwoko ngo bitewe n'umubare w'inka ngo yabaga amaze kugira, zaba hejuru ya 10 ukaba umututsi ngo zaba hasi yazo ukaba umuhutu. Munyumvire namwe! Nyuma yaho abanyarwanda bahinduye ingirwabwoko kugirango bagire uburenganzira nk'ubwo abari ku butegetsi bafite, kugirango babone akazi, babone umwanya mu butegetsi, babone amashuri,... kugirango babeho, kugirango baticwa. Kandi nyamara ibyo byose ari uburenganzira bw'umuntu uwariye wese. Ni uko bakitabaza ubundi ngirwabwoko kugirango bashobore kuramuka. Iyo mpamvu nayo irebana na politiki. Murumva rero ko ya mibare ivuga ko ngo abahutu ari 85/100, abatutsi bakaba 14/100 naho abatwa ngo bakaba 1/100 ari ikinyoma cya politiki kandi ko iryo barura ryakoze ivangura ry'abanyarwanda. Ko umuhutu ashobora guhinduka umututsi, umututsi agahinduka umuhutu, ariko se mwari mwumva umunyiginya wahindutse umuzigaba, cyangwa umwega wahindutse umugesera ? Guhindura ubwoko gakondo ntibigeze bibaho, ntibinashoboka.

Ingingo ya 5. Amoko y'umuco nyarwanda ntahinduka ahora ari amwe, ariko ingirwamoko y'abahutu, abatutsi, n'abatwa yo arahinduka kubera politiki nayo iba yahindutse. Kubera intambara ya 1990-94 havutse andi moko ya politiki: *Hutu modéré*, *Hutu Power* na *Tutsi light*. Hari n'abandi bitwa *Abahutsi* cyangwa *imvange* z'abahutu n'abatutsi. Ariko se abavuka ku muhutu no ku mutwa bazitwa *Hutwa*, maze abavuka ku mututsi no ku mutwa bazitwe *Tutwa*? Kuki abo batavugwa? Hutu, Tutsi na Twa aramutse ari amoko nyamoko yakwivanga ate kandi mu muco nyarwanda ibyo bitabaho? Ushobora kuba *umusinga w'umuzigaba* kuko so ari *umusinga* nyoko akaba *umuzigaba*, ariko ntiwavugaga ko uri imvange y'ayo moko uko ari abiri. Ibyo ntibivugwa mu Kinyarwanda.

Ingingo ya 6. Nta muntu ushobora kugira ubwoko bubiri. Niba abanyarwanda tuvuga ko dufite amoko gakondo y'umuco tukagira n'ay'abahutu, abatutsi n'abatwa, ni uko amwe muri yo atari amoko mu by'ukuri. Kuba muri buri bwoko gakondo habamo ayo ngirwamoko atatu yandi, ni ikimenyetso cy'uko HUTU, TUTSI na TWA ari aya politiki kandi ari n'amahimbano⁷.

Ingingo ya 7. Nta bintu bifatika kandi mbyumvikana cyangwa bigaragarira buri wese ko bitandukanya abiyumvamo ko ari abatutsi n'abiyumvamo ko ari abahutu n'abiyumvamo ko ari abatwa. Iki ni cyo cyakijije bariya banyarwanda navuze mu buhama bwanyje.

◆ Tujye muri politiki y'ubutegetsi bw'igihugu

Ingingo ya 8. Kuba hari abavuga cyangwa bemera ko abanyepolitiki bagomba kugabana ubutegetsi hakurikijwe ingirwamoko, ubwabyo, icyo ni ikimenyetso cy'uko ari aya politiki koko, mbese ko ari ay'abanyepolitiki, abatari abanyepolitiki akaba atagombye kubareba. Twazamenya dute ingirwamoko y'abo bategetsi? Kutubwira ko ari abahutu, abatutsi n'abatwa ntibihagije, bazatwereke ibimenyetso byayo, badusobanurire intego zayo kimwe n'uko berekana ibirangantego by'amashyamba ya politiki barimo. Cyangwa se, bazatubwire niba bakwemera gupimwa igihagararo cyabo n'amazuru ndetse ko imitungo yabo yabarurwa kugirango tumenye neza ingirwabwoko barimo! Ni nde wabyemera? Ni nde munyarwanda wakwemera gukora ako kazi k'urukozasoni? Ni nde munyarwanda wemera amahame y'uburenganzira bw'ikiremamuntu wakwemera ko ibyo byongera kubaho? Ntibizongera kubaho. Hari kera tutarajijuka! Biramutse bibayeho, igihugu nticyagenda ku mategeko. Ibimenyetso by'ayo ngirwamoko ntabyo babona rero, kuko aba mu mitwe y'abayiyumvamo kandi nta muntu ushobora kumenya ikiri mu mitwe w'undi. None se twasubizaho indangabwoko? Twaba dusubiye inyuma. Ibyo byaba ari ugusondeka abanyarwanda no kubapfunyikira amazi!

Hari umuyobozi w'ishyamba rya politiki watangaje umushinga muri ubwo buryo asaba abanyarwanda kugira icyo bawuvugaho. Naramwandikiye mwereka ingaruka mbi uwo mushinga wateza abanyarwanda uramutse wemejwe kandi ugashyirwa mu bikorwa. Naboneyeho umwanya wo kumusobanura ko ahubwo ayo ngirwamoko dukwiye kuyavana muri politiki aho kuyongeramo. Namugejejeho ibitekerezo by'uyu mushinga mwereka ibimenyetso bigaragaza ko ibyo atari byo byadukiza ingoma z'igitugu kuko igihugu kitagenda ku mategeko kandi ari byo twifuza.

Hari abavuga ko mu Rwanda twagombye gukora nk'ababiligi cyangwa abarundi. Abo nababwira ko mu Bubiligi nta moko « ethnies » ahaba, haba ibyo bita « communautés linguistiques », kandi ko i Burundi ikibazo cyabo kitacyemutse kuko indwara y'ironakoko n'ivanguramoko itarakira ndetse impunzi zikaba zicyuzuye i Shyamba! Nanjye nti: kuki ababiligi batabikoze bakiri mu Rwanda? Ariko ubundi se kuki bavuze ko abahutu, abatutsi n'abatwa ari *ethnies*, kandi n'iwabo badahuje urulimi nabo ubwabo batiyita "ethnies"? Nituruke kwigana politiki z'ibindi bihugu, dutinyuke dushake ibisubizo bibereye URWANDA n'ABANYARWANDA. Urwo rwiganwa ni rwo twazize.

Ingingo ya 9. Ikibazo cy'ingirwamoko abanyepolitiki batinya kukiganiraho kuko buri ruhande ruba rwanga ko inyungu zarwo zibangamirwa. Mu mishyikirano y'amahoro yabereye muri Tanzaniya mu muji wa Arusha, ntibigeze bagishakira umuti kandi cyari ikibazo gikomeye kigaragara. Ikimenyimenyi ni uko ayo masezerano atashyizwe mu bikorwa yakurikiwe n'itsembabwoko. Na n'ubu hari abavuga ko icyo kibazo ntagihari! Aho kugishakira umuti n'urukingo, bakagihunga. Niba ayo moko atari aya politiki, ikibazo cyayo bagihungira iki?

Ingingo ya 10. Ubwoko bwatsindwa bute, cyangwa bugatsinda bute, buramutse atari ubwa politiki cyangwa butari « ishyamba » rya politiki? Bamwe ngo: « Turatsinze ga ye! », abandi ngo: « Intsinzi bana b'Urwanda intsinzi! ». Abo ni ABAHUTU n'ABATUTSI.

Ingingo ya 11. Abategetsi b'abanyepolitiki ni bo bashoza intambara hagati y'ingirwamoko, ni bo bajya kw'isonga, ni bo bayobora izo ntambara. Ibyo byaha ntibishobora gukorwa abanyepolitiki atari bo ba mbere babigizemo uruhare. Nta na rimwe byigeze bibaho. Mu gihe cy'amahoro, nta kibazo kibaho hagati y'abiyumvamo ayo ngirwamoko kuko abanyarwanda baranayibagirwa. Bayibuka ari uko abanyepolitiki bongeye kuyazura no kuyakoresha kugirango bagere cyangwa bagume ku butegetsi.

⁷ HUTU, TUTSI et TWA sont des ethnies politiques et artificielles: des fausses ethnies

Ingingo ya 12. Nyuma y'aho tuboneye ubwigenge, abanyepolitiki bashingiye amashyaka yabo kuri ayo ngirwamoko: *Aredetwa* (Twa), *Runari* (Tutsi), na *Parmehutu* (Hutu) yaje kumira ayandi yose (Aprosoma, Rader, ...). Nyuma haje *Muvoma* ngo « itaravanguraga amoko » maze ishyiraho icyo yise « iringaniza-moko » ritigeze rishoboka. Waringaniza ute ibintu bihinduka buri gihe ?

Ingingo ya 13. Umwami Rudahigwa yaba ngo ari we washyizeho politiki y'« Imbaga y'Inyabutatu » y'Abahutu, Abatutsi n'Abatwa. Ubutegetsu bwa Cyami bumaze kuvaho, iyo Nyabutatu yagombaga nayo kugendana nabwo, kuko twari tumaze kubona ubutegetsu bwa Repubulika y'amashyaka menshi na demokarasi (démocratie). Aho gushingira kuri ayo ngirwamoko, amashyaka ya politiki mashya yagombaga kuyavanaho, akayasimbura, abifuzaga gukora politiki bahoze ari abahutu, abatutsi n'abatwa bakisanga mu mashyaka anyuranye bitewe n'ibitekerezo bya politiki byayo, bityo tukagira ubumwe nyabwo. Ni ahongaho ibintu byapfiriye kuko Repubulika yagumanye Inyabutatu.

Ingingo ya 14. Kugeza ubu, ingoma zose zagiye zijyaho kandi zishakaga kugumaho zishingiye ku ngirwamoko y'abahutu n'abatutsi. Na n'ubu nkuko nabivuze mu ingingo ya 8, hari abashakaga kuzajya mu butegetsu ari uko bagabanye imyanya hakurikijwe ayo ngirwamoko yabo biyumvamo. Nkaho ari amashyaka ya politiki cyangwa abanyarwanda bose bategetswe kuyajyamo.

◆ Tujye mu mategeko no mu bucamanza

Ingingo ya 15. Ibyaha byakorewe abanyarwanda bazira kuba abahutu, abatutsi n'abatwa, byitwaga ko ari **ibyaha bya politiki**. Niba ari ibyaha bya politiki rero, ni uko ingirwamoko yakorewe ibyo byaha n'ayakoreshejwe mu kubikora ari aya politiki. Ikibigaragaza nanone ni uko hashyizweho inkiko zihariye (tribunaux spéciaux) zo guhana ibyo byaha, bityo rero **izo manza zikaba iza politiki**. Ndavugaga inkiko Gacaca n'urukiko mpuzamahanga rwa Arusha (TPIR: Tribunal Pénal International pour le Rwanda). Kandi izo nkiko ntizigeze zihana abanyabyaha bose, ahubwo zakoze ivangura zikurikirana gusa ingirwabwoko bw'abahutu kuko ari bwo bwatsinzwe muri politiki zirengagije amaraporo y'imiryango mpuzamahanga yagaragajwe ko hari n'abatutsi bishe abahutu. Ibyo ntibyashobotse kuko ubutegetsu bwari bumaze gufatwa n'abatutsi. Izo nkiko rero zavanguye ibyaha zivangura n'abanyabyaha ndetse n'inzirakarengane. Iyo ivanguramoko rigeze mu butabera bw'ubucamanza, ibintu biba bigeze kure !

Ingingo ya 16. Mbere ya 1994, nta tegeko nyarwanda rihana ibyaha by'itsembabwoko mu buryo bwihariye ryabagaho, ariko hariho itegeko rihana abanyabyaha (Code pénal rwandais). Mu mategeko mpuzamahanga harimo amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'icyaha cya génocide (Convention sur le génocide). Itegeko ryashyirwaho guhana ibyaha by'itsembabwoko ryagiyeho iyo génocide yarabaye, nyamara amahame mpuzamahanga y'amategeko y'inshinjabyaha avugaga ko umuntu wese ukekweho icyaha adashobora guhanishwa itegeko ryagiyeho nyuma y'uko akora icyo cyaha (principe de non-rétroactivité de la loi pénale).

Ingingo ya 17. Kuba nyuma y'ubwigenge hari ubutegetsu bwagiye butanga ibyo bwitwaga "Imbabazi" kuri bamwe bakoze ibyaha birebana n'ayo ngirwamoko, nabyo bigaragaza ko ibyo byaha ari ibya politiki, bityo n'izo "mbabazi" nazo zikaba zaratanze mu nyungu za politiki. Bityo zikaba imbabazi za politiki.

Ingingo ya 18. Itsembabwoko ryakorewe abatutsi ryategetswe na bamwe mu banyepolitiki b'abahutu bashakaga kurengera ubwoko bwa politiki bwabo mu nyungu zo kugirango bagume ku butegetsu. Mu ntambara ya 1990-1994 kimwe no mu bindi bihe byose impunzi zagabaga ibitero ku Rwanda, abategetsu babwiraga abari mu gihugu ko abatutsi bateye Urwanda bagamije kugarura Umwami n'ubwami kugirango abahutu basubizwe mu buhake, ku mpamvu zo kwangisha abahutu abo batutsi hagamijwe kugirango badasangira ubutegetsu nabo (impamvu ya politiki).

Ingingo ya 19. Nyuma y'aho intambara ya 1990-1994 irangiriye, bamwe mu batutsi bahoze ari impunzi nabo baje bavugaga ko ngo abahutu bose bagize uruhare mw'itsembabwoko ryakorewe abatutsi, mu nyungu zo kugirango bagere ku butegetsu maze basimbure abo bahutu ntibazongere kugira ijamba mu butegetsu. Hari umunyepolitiki wabyiyemereye avugaga ko yagendaga mu mahanga yose ari byo yamamaza. N'ikimenyimenyi, ni uko hashyizweho gahunda ya politiki ivugaga ko umuhutu wese ngo agomba « gusaba imbabazi mw'izina ry'ubwoko bwe kubera jenoside yakorewe abatutsi » kandi

yarakozwe na bamwe mu bahutu. Bamwe mu banyamahanga nabo génocide bayigize impamvu yo gushyigikira cyangwa kurwanya bamwe mu banyepolitiki b'abanyarwanda, bitewe n'ingirwamoko barimo, kugeza n'aho abo banyamahanga bibagirwa uruhare bagize muri icyo génocide. Birababaje kubona «HUTU-TUTSI » bikoreshwa mu buryo bw'iterabwoba cyangwa mubw'inyungu zo gushaka ubutegetsi.

Ingingo ya 20. Ijambo « ethnies » ni urulimi rw'igifaransa kandi tuzi ko urwo rulimi rwazanywe n'ababiligi mu Rwanda kuko Abanyarwanda ntarwo bari bazi. Amagambo « abahutu, abatutsi n'abatwa » ni ayo mu rulimi rw'Ikinyarwanda, bivuze ko ababiligi batavanywe i Burayi kuko urwo rulimi rutari urwabo. Amagambo « ubwoko - amoko » nayo yabagaho mu rulimi rw'ikinyarwanda mbere yuko ababiligi bagera mu Rwanda kuko yasobanuraga ya yandi y'abanyiginya, abasiga, ababanda, n'ayandi yari mu muco karande w'Ikinyarwanda navuze. Ababiligi bamaze kwemeza ko « abahutu, abatutsi n'abatwa » ngo ari « ethnies », bashatse igisobanuro cy'iryo jambo mu rulimi rw'ikinyarwanda, ni uko bifatira ya magambo « ubwoko-amoko »; ari nayo mpamvu ayo « moko » mashya yahise ahabwa agaciro kurusha yayandi gakondo abanyarwanda benshi ubu bibagiwe.

Kubera ko abanyarwanda banywe bagira umuco wo kwubaha abakuru muri byose, no guhakwa bakemera n'ibyo babona bidakwiye, bemeye ibyo abazungu bababwiye cyangwa babategetse. Ababiligi bari bazi neza icyo jambo « ethnies » rivuga, kandi bari bazi neza ko abahutu, abatutsi n'abatwa basangiye urulimi rw'Ikinyarwanda. Birumvikana rero ko kuvuga ko abo banyarwanda ari « ethnies » ("amoko") bari bazi neza ko atari UKURI, babikoze rero kubera impamvu za politiki. Ni ikosa rikomeye bakoze. Ndetse n'iwabo mu Bubiligi, nubwo abavugaga igifaransa (flamands), igifaransa (wallons) n'ikidage (germanophones) badasangiye urulimi n'umuco, ntabwo bitwa ko ari « ethnies », bitwa « communautés linguistiques ».

Ingingo ya 21. Hari abavugaga ko ngo mu ntambara ya 1990-94 hari abatutsi b'inkotanyi bihinduye interahamwe bafatanye nazo kwica abandi batutsi bari mu Rwanda. Biramutse ari byo, abo batutsi b'inkotanyi baba barabikoze kuko bari bazi ko ntacyo bahuriyeho n'abo bicwaga kibatanganywe n'abahutu. Baba barabishe rero kuko bishakiraga impamvu yatuma bagera ku butegetsi.

Ingingo ya 22. Abatutsi b'inkotanyi bahoze ari impunzi bageze mu Rwanda nyuma yo gutsinda intambara, bavugaga ko abatutsi basigaye mu Rwanda mu gihe bo bahungaga, bari barahindutse abahutu kuko ubutegetsi bwariho bwari ubw'abahutu. Twibuke ko benshi muri abo batutsi b'imbere mu gihugu babanaga neza n'abahutu muri rusange. Na ndetse, bivugwa ko bamwe mu batutsi bavuye mu Rwanda bajya ku rugamba bishwe n'Inkotanyi zabitaga ko ari abahutu cyangwa ibyitso byabo. Biramutse ari byo, ibi byaba bigaragaza ko abo batutsi bari mu buhungiro bumvaga ntacyo bahuriyeho n'abatutsi bari mu gihugu. Bisobanuye ko, kuba bose baritwaga ko ari abatutsi bitavuze ko bari babayeho kimwe, haba mu buzima busanzwe no muri politiki, cyangwa ko bari bafite ibibazo bimwe. Birumvikana rero ko abatutsi bari mu gihugu batari bafite imyumvire imwe n'abatutsi bari mu buhungiro ku birebana n'ayo ngirwamoko. Abari mu Rwanda bo bumvaga bose bahuje "ubwoko" bw'Abatutsi naho abari mu buhungiro bo bumvaga abandi barabaye Abahutu bitewe na politiki. None ubu havutse indi mvugo ku bacikacumu: ngo hari abemewe n'abatemewe!

Uwahakana ibi bimenyetso, yazatanga ibibivuguruzaga ingingo ku yindi noneho nyuma tukazabiganiraho. Ndacyakomeza gushaka n'ibindi.

3.3 Ubumwe nyakuri tuzabugeraho dute ?

Tujye twibuka ko ba Sogokuru na ba Nyogokuru batari barageze mu mashuri kuko ntayabagaho. Nituruke rero kwemera ibyo batubwiye byose kuko nabo bakurikiraga ibyo bategekwe n'abategetsi bariho icyo gihe, ntawari ufite uburenganzira bwo kubivuguruzaga, cyane abakoloni b'abazungu bafatwaga ko bazi ubwenge kurusha abirabura. Ntacyo bashoboraga kubavuguruzaho. Ibyo bikivanga na wa muco wa gihake. Yemwe n'igihe Abahutu bigaranzuraga Abatutsi, ntibashoboye gukosora iryo kosa ry'abakoloni kubera ko icyo kinyoma bakibonagamo inyungu za politiki kuko babanaga ari benshi bityo bikazaborohere gutsinda amatora hakurikijwe ya demokarasi bigishijwe n'abo bakoloni ko ishyamba ritsinze amatora rifata byose ayandi akaburiramo. Gatebe Gatoki. Ngibyo iby'amoko ya politiki ! Igihe cyo kuyavana muri politiki rero kirageze.

Ababyeyi bacu batwohereje mw'ishuri kugirango tumenye ubwenge ndetse tube twanavuguruzwa ibyo batubwiye mu gihe dusanze bidahuye n'UKURI. Kuvuga gusa ngo data yarambwiye ngo « ... », ntabwo bihagije, reba niba bihuye n'UKURI. Kandi tujye twibuka ko hari abanyarwanda batigeze bamenya ababyeyi babo ku mpamvu zinyuranye. Abo ingirwamoko yabo yaba ayahe ?

Nituvuga ko HUTU, TUTSI na TWA ari amoko, tujye twongeraho ko ari **aya politiki** kandi ko aba mu ngengabitekerezo ziri mu mitwe y'abayemera. Ariko nitunavuga ko atari amoko tujye twemeza ko ari INGIRWAMOKO tunigisha abakiri bato AMOKO Y'UKURI ayariyo, ni ukuvuga yayandi ya gakondo navuze kuko ariyo ari mu muco nyarwanda. Ni yo mpamvu ayo moko ya politiki ariho atariho. Harabura ikintu kimwe gusa kugirango azimangatane burundu. Harabura politiki ihamye irengera ikanubahiriza umuco nyarwanda n'uburenganzira bwa buri wese kuko ingengabitekerezo z'ayo moko ya politiki zibereyeho kubihonyora. icyo gihe nikigera, abacuzi n'abacuruzi b'izo ngengabitekerezo bazaburiramo kuko bazagira igihombo gikomeye, naho abacuzwaga ibyabo kubera ayo ngirwamoko bahabonere inyungu itubutse. Bityo Rubanda rwiruhutse.

Gushyira amoko ya politiki y'ABAHUTU, ABATUTSI n'ABATWA imbere y'AMOKO y'UMUCO NYARWANDA ni ukugenda GICURI. Ni nko kugendesha amaboko kandi dufite amaguru !

Muri iyi nyandiko, nerekanye ko INYABUTATU igizwe n'amoko ya politiki kandi ko abatubwiye ko HUTU, TUTSI na TWA ari amoko y'abanyarwanda batatubeshye gusa ahubwo batuboshye, baradufunga, baturenganya⁸. Nuko badutera ubwoba ngo « niba udashaka kuba umuhutu, umututsi cyangwa umutwa ngo ubwo nturi umunyarwanda ». Guhatira abanyarwanda kuba mu "Imbaga y'Inyabutatu", ibyo ni igitugu. Ikindi gitugu nanone ni uguhatira abanyarwanda kuba mw'ishyaka rimwe ngo ni uko ari ryo riri ku butegetsi. Ibyo nabyo abanyarwanda turabizi. Uko ingoma z'ubutegetsi zagiye zisimburana, ni nako zakomeje kutubeshya no kutuboha. Bamwe ngo abanyarwanda twese turi mu Mbaga y'Inyabutatu « ibumbye amoko », abandi ngo twibumbiye mu Bwato bw'ishyaka rimwe rukumbi « ritavangura amoko », abandi ngo twese turi mu muryango umwe w'abanyarwanda « utagira amoko », n'ibindi... Abo bese, ubutegetsi bwabo bakabushingira kuri ayo ngirwamoko. Rubanda turashukika koko! Ibyo binyoma bigomba kuranduka burundu abanyarwanda tukibohora by'ukuri.

Ingingo ya 2 y'« Itangazo rya UNESCO ryo kuwa 27 Ugushyirwa 1978 ku bwoko n'akarengane gashyirwa ku moko » navuze iragaraza neza ko Inyabutatu nayo yuzuyemo ironzakoko kandi ivangura abanyarwanda.

Muri iki gihe, Impinduramatwara (Révolution) dukeneye ni iy'ibitekerezo bya politiki, ni iyo **kuvana ingirwamoko muri politiki kandi nayo tukayavamo politiki**. Ntabwo ari REVOLUTION ya Gatebe gatoki, ahubwo n'iyi kwivanamo ibinyoma biri mu ngengabitekerezo z'ayo moko ya politiki y'INYABUTATU tukimakaza UKURI kw'amoko y'abakurambere bacu yo mu muco nyarwanda. Ingirwamoko y'INYABUTATU nasimburwe n'amashyamba ya politiki kuko bidashobora kubangikana. Ni yo mpamvu agomba kuva muri politiki akabisa amashyamba. Gushakira ibibazo n'ibisubizo byose ku ngirwamoko nabyo, ni ukuyaha ingufu za politiki adafite.

Ayo ngirwamoko nava muri politiki, niho abanyarwanda batazongera kuyiyumvamo kuko ntacyo azaba akibamariye. Umunyarwanda yiyumvamo ingirwabwoko ubu n'ubu kubera inyungu za politiki ariko rimwe na rimwe mu buryo atagambiriye cyangwa atatekereje. Impungenge zo gukandamizwa no kwimwa imyanya mu butegetsi n'iyindi milimo ku biswe ko ari ba RUBANDA NYAMUCYE (minorités "ethniques" = abatutsi n'abatwa) - ari byo byitwa ironzakoko n'ivanguramoko - ntizizongera kubaho. Abazakomeza kuyatsimbararaho, bazayiyumvamo ku giti cyabo ariko batemerewe kuyagira umurato n'ibikangisho mu ruhamwe. **Ya mibare ya 85/100 by'abahutu, 14/100 by'abatutsi na 1/100 by'abatwa yavanguraga abanyarwanda nta gaciro izongera kugira ndetse na ya makimbirane yo kutumvikana ku bagomba KWIBUKWA mu mihango y'icyunamo n'imibare y'abahutu, abatutsi n'abatwa bishwe, ntazongera kubaho. TUZABIBUKIRA HAMWE kuko icyatumaga bavangurwa kizaba kitakiriho.** Kandi nanone, ku banyepolitiki bakoraga iryo vangurabanyarwanda, izo ntware ntazo bazaba bagifite kuko n'inzego z'ubuyobozi bw'ubutabera, ubwiyunge, uburenganzira bw'ikiremamuntu n'itangazamakuru bakoreshaga bazazamburwa. **UBUMWE** bw'Abanyarwanda ni uko tuzabugeraho. Ibyo bizatuma abanyarwanda

⁸ Une pure manipulation politicienne.

bareshya imbere y'amategeko KUKO INZEGO ZISHINZWE KURENGERA AYO MATEGEKO zizayoborwa na Sosiyete sivili yigenga isanzwe irengera abantu bose itavanguye.

Twibohoye ingoma za cyami na gikolonize ariko bimwe mu bitekerezo byazo turacyabifite mu mitwe yacu. Nitubiyobohora ni bwo tuzaba tugeze ku bumwe nyabwo, ku bwigenge bwuzuye kandi busesuye ndetse no ku bwiyunge nyakuri. Ibi ni byo abanyarwanda tuzira kuko tugifite bimwe mu bitekerezo bya gihake. Ingero: gutinya guhakana ibyo umutegetsu cyangwa uwahoze ari umutegetsu avuze nubwo byaba binyuranyije n'ukuri, gutinya kuvuguruza umuntu "mukuru" (umubyeyi watubyaye, mwalimu wacu, umutegetsu n'abandi).

Uretse intambara n'imvururu za 1959, 1963-64, 1973, 1990-1994 mu Rwanda, na 1996-98 muri Congo n'izindi zayobowe n'abanyepolitiki, nta kindi gitandukanya abahutu, abatutsi n'abatwa. Nta kintu kiranga bamwe abandi badafite. Abenshi mu banyarwanda barushaho kwiyumvamo ko ari abahutu cyangwa abatutsi kubera izo ntambara. Ibyo ni ukugwa mu mutego w'abashoza izo ntambara kuko nyine baba bifuzaga kubona abayoboke kugirango bagire ingufu zo guhangana n'abo bashyamiranye, noneho abo banyarwanda bakicamo ibice bibili, ubumwe bwabo bugasandara.

Ubwo **bumwe** bw'abanyarwanda rero buzagerwaho umunsi tuzavana ingirwamoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa muri politiki kandi nayo tukayavanamo politiki kugirango abanyepolitiki batazongera kuyakoresha bashoza izo ntambara hagati y'abanyarwanda.

Natangiyeye mvuga uburyo nabwiye mwalimu wanjye ko ntumva ukuntu abanyarwanda twagira AMOKO y'ubwoko BUBIRI. Mwiboneye ko ibyo ari IKINYOMA. Ikinyoma cyagizwe UKURI, naho UKURI kwabaye IKINYOMA. Ni ngombwa guhindura icyo myumvire, tukabicurukura.

Kumenya ubwoko bishingiye ku bipimo by'ibice by'umubiri nta shingiro bifite kandi byatesheje abanyarwanda agaciro. Ubwo se, akoloni bashoboraga no kudupima amatwi nkaho turi imbeba ? Natwe kwemera ibyo ni ukwitesha agaciro kacu k'ubumuntu (dignité humaine), ni ukwisuzugura.

Icyo uyu mushinga ugamije rero muri iyi gahunda y'ubwiyunge bw'abanyarwanda, ni ugushaka, mu buryo bunyuzwe mu mategeko, umuti n'urukingo by'indwara y'irondakoko n'ivangura twatwe no gushyira icyo myumvire y'ayo ngirwamoko muri politiki igakoreshwa mu gutanya, guteranya no gusumbanya abanyarwanda kugeza ubwo icyo ndwara iduteye ibisazi byo kwicana hagati yacu.

Ndabizi ko uwo umuti utaryohere bamwe mu banyarwanda cyane cyane abanyepolitiki, ariko burya ngo "indwara ikizwa n'umuti usharira".

4. Umuti n'urukingo by'indwara y'irondakoko n'ivanguramoko ya politiki

4.1. Umuti

Umuti nyawo, ni uko buri munyarwanda wese akwiye kwibohora ibinyoma biri mu ngengabitekerezo z'ingirwamoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa, kuko nta shingiro bifite. Nkuko mbivugaga muri uyu mushinga, inzira ya mbere y'ubwiyunge ni UKURI. Kiriya kinyoma cy'uko Hutu, Tutsi na Twa ari « ethnies » kinyuranye rero n'ukwo UKURI, niyo mpamvu tugomba kukivana mu myumvire (croyance) yacu, tukacyibohora. Abenshi ibyo birabagora kubera kugira isoni zo kwemera ko bashutswe n'abanyepolitiki (manipulation politicienne). Nidutinyuke tugane ukuri.

4.2. Urukingo

Urukingo rwo tugomba kurushakira mu banyepolitiki. Bityo, ni ngombwa ko hakorwa ibi bikurikira:

4.2.1 Kuvana amoko muri politiki kandi nayo tukayavanamo politiki

Amashyamba ntagomba kuba ashingiyeye ku ngirwamoko. Kubera ko ikibazo cy'irondakoko n'ivangura gitanya kandi giteranya abanyarwanda bitewe n'abanyepolitiki, ariko kikaba atari cyo cyonyine kibangamira uburenganzira bw'abenegihugu, muri uyu mushinga tubona urukingo rw'icyo ndwara ari uko

inzego za Leta zose zirebana n'icyo kibazo zikwiye kuyoborwa n'abandi banyarwanda badakora politiki igamije ubutegetsi bw'igihugu, bityo izo nzego zikava mu maboko y'abapolitisiye (politiciens). Izo nzego ni izishinzwe kurengera: **umuco nyarwanda, ubwisanzure bw'itangamazamaku n'amadini, amateka y'igihugu, uburenganzira bw'ikiremnamuntu, ubutabera n'ubwiyunge hamwe n'uburenganzira bwo KWIBUKA amahano y'ubwicanyi bushingiye ku ngirwamoko n'ubwo kubabarirana, uburenganzira bw'impunzi n'abimukira**, kimwe n'izindi nshingano zishamikiye kuri izo zose.

Kugeza ubu, ari ubutegetsi bw'abahutu, ari n'ubutegetsi bw'abatutsi, guhuza abanyarwanda byarabunaniye. Ikibazo cy'impunzi kirabigaragaza. Kugirango ibyo noneho bibe byashoboka, birasaba ko habaho impinduka mu miterere n'imikorere y'inzego z'ubutegetsi n'ubuyobozi bw'igihugu (changement du système politique dans le fonctionnement des institutions publiques), kugirango dusezerere ingoma z'igitugu maze igihugu kigendere ku mategeko. Itegeko-nshinga ryateganyaga ko *Sosiyete sivili nyarwanda yigenga* ari yo ikwiye kuyobora ziriya nzego navuze.

Abanyarwanda bari mu miryango ya sosiyete sivili bifuzaga iyo mpinduka rero ntibagomba kuba mu mashyaka ya politiki cyangwa kuyabogamiraho. Bityo, ni bwo bagira ingufu zo kurwanya ibyaha by'irondakoko n'ivanguramoko ya politiki.

Dore uko iki gitekerezo cyanjemo. Mbere yo kuva mu Rwanda mu mwaka wa 1998, nakoraga akazi k'ubwavoka kandi ndi n'umunyamuryango w'ishyirahamwe rya sosiyete sivili riharanira uburenganzira bw'ikiremnamuntu ryitwa LIPRODHOR⁹. icyo gihe ku butumire bw'uwo muryango, najyaga ntanga ibiganiro byerekeranye n'amategeko agenga ifatwa n'ifungwa muri gahunda yo kwigisha abatwaga, kugirango bamenye uburenganzirwa bwabo: umuntu afungwa ryari, afungirwa he, ashobora gufungirwa ibihe byaha, abafite uburenganzira bwo gufungwa ni bande, igihe umuntu ashobora kumara muri gereza ataraburana kingana iki, ibihano byemewe n'amategeko ni ibihe, n'ibindi. Izo nyigisho natangaga ariko zarakaje bamwe mu bafungwa abantu mu buryo bunyuranyije n'ayo mategeko, kandi ari bo bashinzwe kuyubahiriza. Nkaho ayo mategeko nigishaga ari jye wayanditse! Kandi nyamara, ibyo nakoraga byari mu nshingano zanjye nk'umwavoka ugomba kurengera Rubanda no kugirango ayo mategeko yubahirizwe.

Abakozi ba Leta bakurikiranywe n'inkiko kubera ko bafungirwa abantu ubusa cyangwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko babarirwa ku mitwe y'intoki. Ibyo nabyanditseho igitabo ndangiza amashuri makuru mukwa gatandatu muw'1990. Muri ibyo bihe nabwo, icyo kibazo cyari kiriho, ndetse cyaje gukomera intambara yo mu Ukwakira 1990 itangiye igihe hafungwaga abo bitaga « ibyitso by'inkotanyi » baziraga gusa ko ari abatutsi, bigakomeza na nyuma yaho mu ntambara. icyo kibazo cyaje kurenga urugero mu bwicanyi bwo mu ntambara n'ubw'itsembabwoko, ndetse na nyuma yaho ubwo hari bamwe mu bahutu bafungirwa bazira gusa ko ari abahutu, barengana, bagafungwa hamwe na ba bicanyi babahigaga babaziza ko bahisha abatutsi.

Ibyo byose rero byanyumvishije ko kurengera uburenganzira bwa muntu n'amategeko bidahagije, ko abanyarwanda dukeneye guhindura imyumvire ya politiki n'izindi nyigisho ku bwiyunge nyakuri.

Ingirwamoko aramutse avanywe muri politiki, abanyarwanda ntibayashyira mu ruhamwe ngo bayarate cyangwa bayagire igikangisho. Nta mpamvu yumvikana ikwiye gutuma umunyarwanda arata ingirwabwoko bwe kuko ari we bwagombye kureba wenyine, mu gihe bwaba ari ubwoko mu by'ukuri. Kandi siko bimeze. Kimwe n'amadini, ntacyo ingirwabwoko bw'umwe bumarira abandi.

4.2.2. Amashyaka ya politiki ntibagomba kugira ingabo z'igisirikare n'iza gisivili

Abanyarwanda bifuzaga kuba ingabo z'igihugu rero nabo ntibagomba kuba mu mashyaka ya politiki cyangwa kuyabogamiraho. Nta munyepolitiki ukwiye kuba umusilikare, nta n'umusikare ugomba gukora politiki. Ntibibaho muri demokarasi. Iyi ngingo kurayigarukaho birambuye mu gice cya 3.2.3.1.

Kubera izo mpamvu zose, impungenge z'uko abatwaga n'abatutsi bashobora kubuzwa uburenganzira bwabo no guhezwa mu butegetsi ku mpamvu y'uko ngo ari bo bacye ku bahutu, izo mpungenge ntizakwongera kubaho kuko ziriya nzego ziyobowe na sosiyete sivili n'amadini navuze hejuru zaba

⁹ Ligue pour la Promotion et la Défense des Droits de l'Homme

zigenga, zitabogamiye kuri politiki, kandi n'ingabo za gisilikare zaba ari iz'igihugu, atari iz'amashyaka, nazo zidafite aho zibogamiye muri politiki.

Izi ngingo zose zumvikanyweho hagati y'amashyaka ya politiki na Sosiyete sivili, icyo gihe ingirwamoko yava muri politiki kuko yareka kuba igikoresho cy'abanyepolitiki, kandi nayo akavamo politiki kuko abahutu, abatutsi n'abatwa bareka kwiyumvamo ko hari ikibatandukanya. Abanyarwanda baba bamaze gusobanukirwa ikinyoma cy'abanyepolitiki bakoresheje ingirwamoko mu nyungu zabo bagamiye gusa ubutegets, bityo abo benegihugu bakabana neza batishishanya.

Ibi byose ariko birasaba ko abaturage babihabwaho inyigisho zihagije. Reka mbisobanure mu magambo ahinnye.

- Kuba umuhutu, umututsi cyangwa umutwa ntawe byahesha cyangwa byabuza akazi, ntawe byahesha cyangwa byabuza umwanya mu butegets, kandi ntawe byabuza uburengazira yemererwa n'amategeko, kuko wa mutegets cyangwa wa munyepolitiki nawe ataba yarageze kuri wa mwanya kubera ingirwabwoko afite, ahubwo ari ukubera ubushobozi bwe, yaratsinze ipiganwa (ikizamini) cyangwa yaragize amajwi menshi mu matora.
- Mu butabera, nta munyepolitiki washobora kwongera gukingira ikibaba umunyacyaha ngo kuko bahuje ingirwabwoko cyangwa gufungisha umuntu urengana kubera impamvu za politiki, kuko umucamanza ataba ategukwa n'uwo munyepolitiki. Inzego za politiki n'iz'ubutabera zaba zitandukanye.
- Akazi k'abagize sosiyete sivili kakwiyongera kugirango amategeko arushaho kugira ingufu, maze nkuko umugani ubivuga, noneho ayo mategeko akarusha amabuye kuremera koko. Abagize Sosiyete sivili baba bafite ububasha bwo kurwanya ubwabo akarengane bamagana aho kubisaba abanyepolitiki mu mabaruruwa atabonerwa ibisubizo.
- Urugero ni uko nk'amaraporo y'imiryango ihananira uburenganzira bw'ikiremhamuntu yajya atangwa mu nzego z'ubushinje-cyaha kugirango buhite bukora iperereza ku byaha biri muri ayo maraporo, aho kuyohereza abanyepolitiki kuko n'ubundi atari bo bashinzwe ubutabera, kandi rimwe na rimwe bamwe muri bo baba bacyekwaho ibyo byaha. Ngo "ntawe urega uwo aregaho".

4.2.3 Ingabo ntizigira amashyaka n'amoko ya politiki kuko zidakora politiki

Maze kwerekana ko urukingo rumwe rureba abanyepolitiki, nsobanura ko bakwiye kurekura inzego za Leta zose zirebana n'ubutabera, uburenganzira bw'ikiremhamuntu n'ubwiyunge maze zikayoborwa na Sosiyete sivili yigenga, ariya ngirwamoko akava muri politiki kandi nayo akavanwamo politiki. Kugirango ibyo bishoboke, abanyarwanda bagize umuryango wa sosiyete sivili nabo ntibagomba kujya mu mashyaka ya politiki kugirango bagire ubwigenge bwuzuye.

Urukingo rwa gatatu rukwiye gufatwa n'abanyarwanda bifuzwa kuba **ingabo zishinzwe umutekano w'igihugu**, nabo bakemera kutajya muri politiki. Bijyanye n'uko, amashyaka ya politiki atagomba kugira ingabo nkuko nabivuze, zaba iza gisivili cyangwa iz'igisirikare.

Ku ngoma zose zabayeho mu Rwanda, abategets bakunze gukoresha intwari ebyiri kugirango bagere cyangwa bagume ku ntebe y'ubutegets: intwari za gisilikare n'intwari z'ingirwamoko. Muri iki gihe, mu buryo ngo bwo gucyemura ibibazo bishingiye kuri ayo moko ya politiki, hari abavugaga ko ingabo z'igihugu zikwiye gushyirwaho ngo hakurikijwe ubuhutu, ubututsi n'ubutwa ziyumvamo, ngo hakagenwa imibare yumvikanyweho n'abanyepolitiki mw'igabana ry'imyanya y'ubutegets bw'igihugu.

Nyamara, icyo gitekerezo nacyo kirimo ivangura nkuko tuza kubireba. Muri uyu mushinga nshyigikiye ahubwo ko abasilikari, abapolisi n'abandi bagize inzego z'umutekano w'igihugu muri rusange, batagomba gukora politiki no kwibonamo amoko ya politiki. Ni byo tugiyeye kureba.

4.2.3.1 Abashinzwe umutekano w'igihugu ntibagomba gukora politiki

Mu mateka y'igihugu cyacu, tuzi ko hari imitwe ya politiki yagiye ishingira ingabo, zaba iza gisivili cyangwa iza gisilikare. Na n'ubu usanga abanyepolitiki nta kintu babihinduraho nkaho bikwiye kuzakomeza gutyo. Niko byagenze kuva Urwanda rwatangira kuyoborwa n'abasirikare muri 1973. Kuva icyo gihe kugeza ubu, twagiye tugira abasilikare mu nzego zose z'ubutegets uko ari 3, ni ukuvuga Ubutegets nshingamategeko, ubutegets nyubahirizamategeko, ndetse no mu butabera.

Ibyo kandi twarabyemeye – nako twarabyemejwe – birakomeza imyaka irashira indi irataha, turicecekerera, turabimenyera, nkaho ari ibintu bisanzwe. Kugeza n'uyu munsu, hari abumva ko ntacyo bitwaye kuba abasikare nabo baba abanyepolitiki cyangwa abanyepolitiki bakaba abasirikare, kuko ari ko byamenyerewe. Ariko bakirengangiza ingaruka zabyo twabonye kuva kuriya gihe. Nyamara abashyigikira amashyaka ya politiki afite ingabo z'igisirikare barahindukira bakayarega ko atubahiriza demokarasi, kandi bari bazi neza ko ingabo z'igihugu zitagomba kuba iz'ayo amashyaka. Twibaze amashyaka yose y'abanyarwanda aramutse agize imitwe itandukanye y'igisirikare uko byagenda. Bigenze bityo, abatari mu mashyaka ya politiki bo barengerwa na nde ? Hari ndetse n'abemera ko ngo ingabo zishobora kwitirirwa umukuru w'igihugu. Ni akumiro !

Ibyo mvuze ariko si umwihariko w'abanyarwanda gusa, ariko twe dushyiraho akarusho. Mu bindi bihugu nabyo bitaragera kuri demokarasi nyayo, bamwe muri abo banyepolitiki b'abasirikare babeshya abenegihugu n'amahanga ko ngo nibamara gufata ubutegetsi bazabuzubiza abasivili nyuma y'igihe cy'inzibacyuho. Bakavuga gutyo kugirango bibonere imfashanyo z'abo banyamahanga. Bamara kubugeraho, bagahindura imvugo, bakanga kuburekura. Abanyarwanda bo, iyo nzibacyuho abanyepolitiki b'abasikare ntibirirwa bayibeshya abaturage. Ahubwo babwira Rubanda ko ubutegetsi ari bo babwifatiye, babwihaye bakoresheje imbunda, ari nayo mpamvu bagomba kubugumaho, kuko atari abasivili babubahaye, bityo bakaba ntacyo bagomba kubishyuzza. Demokarasi urahenda koko !

Ba banyamahanga b'abahanga muri demokarasi nabo bakaturega ko nta demokarasi tugira nyamara ari bo baha intwari izo ngabo bazi neza ko ari iz'amashyaka ya politiki, kandi iwabo ibyo ntabibayo. Barangiza, bati ariko kuki mutagira demokarasi nk'iyacu? Ibi mu gifaransa babyita « hypocrisie ». Abo banyamahanga rero, hagati y'ibintu bibiri bakwiye guhitamo kimwe: gushyigikira abanyarwanda bifuzaga ubutegetsi buyobowe na demokarasi cyangwa bakerura bakavuga ko badashyamba demokarasi mu gihugu cyacu, bityo bakareka kubeshya. Ariko se nanone, abo banyamahanga tubabajije impamvu ituma badukoreraga ibyo bakadushyamba ko "*usenya urwe umutiza umuhoro*", twabasubiza ko uwo mugani tutawuzi? Natwe abanyarwanda rero, niturukira kugira indimi ebyiri. Niduharanire ko igihugu cyacu Urwanda kiyoborwa n'amategeko maze akarengane gashyamba, cyangwa se ko kiyoborwa n'imbunda maze twemere dushyamba. Twakora iki ?

- icya mbere dukwiye gukora ni ugutinyuka tugashyamba ibitekerezo bishya bya politiki kandi tugahindura uburyo bwo gukora politiki. Kimwe n'uko muri uyu mushamba mbwira abanyarwanda bari muri Sosiyete sivili kutaba mu mashyaka ya politiki kugirango bashobore kurengera neza amategeko na Rubanda rwose kandi bagire ubwigenge; dukwiye kubwira ukuri abifuzaga kuba ingabo zirinda umutekano w'igihugu kudukoreraga amashyaka ya politiki, kimwe n'abanyepolitiki n'abifuzaga kuyikora kutayibangikanya n'imilimo y'igisirikare n'igipolisi, kugirango izo ngabo zibe iz'abanyarwanda twese.
- icya kabiri ni ukuvanaho impamvu zose zituma abanyepolitiki bitabaza intwari za gisirikare kugirango bagere ku butegetsi. Intambara yo muri 1990-94 ikwiye kutubera isomo maze tugashyamba ibisubizo ku bibazo byayiteye kandi n'ubu bikiriho, ibisubizo bivuye mu biganiro.

4.2.3.2 Abashinzwe umutekano w'igihugu ntibagomba kwibonamo amoko ya politiki

Nkuko nabivuze, dukwiye kuvana ingirwamoko y'INYABUTATU muri politiki kandi nayo tukayavanamo politiki, kugirango abanyepolitiki bareke kuyagira intwari z'ubutegetsi. Abahakana ko ariya ingirwamoko ari aya politiki, nibayagumane ku giti cyabo ariko bareke kuyacuruzza no kuyagira ibikangisha n'intwari z'iterabwoba, bityo bahe amahoro abandi banyarwanda. Niba atari ibyo, ni uko bemera ko ari amoko ya politiki nyine bakayashakamo inyungu z'ubutegetsi. Ikibigaragaza ni uko hari bamwe bigira abavugizi b'ingirwabwoko barimo, ibibazo byose by'igihugu bakaba ari yo babashingiraho. Abo bagomba kumenya ko ubuhutu, ubututsi n'ubutwa atari amashyirahamwe cyangwa amashyaka ya politiki. Uwiyumvamo kuba umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, niwe bireba ntawundi bireba, kandi ubwabyo nta burenganzira bimuha burenze ubw'abandi. Ntagomba rero kubirata cyangwa kubikandagiza abandi. Ni umuntu nk'abandi.

Ku birebana n'ingabo zishinzwe umutekano, hari abanyepolitiki nanone bumva ko ngo igisubizo ari uko izo ngabo zashyirwaho hakurikijwe ayo ingirwamoko ziyumvamo, ngo hakagenwa imibare y'abahutu,

abatutsi n'abatwa nkuko nabivuze. Hari uwo nabajije niba ibyo yumva biberanye na demokarasi, ambwira ko ngo byaba ari iby'igihe gito cy'inzibacyuho, ngo nyuma hakazabaho ubutegetsu budashingiye ku ngirwamoko tumaze kwinjira muri iyo demokarasi nyayo. Ndongera ndamubaza nti: "kuki mutakwinjira muri iyo demokarasi ako kanya mutarinze gutegereza iyo myaka y'inzibacyuho"? Nanone nti: "kuki ibyo mwumva mwazakora nyuma y'inzibacyuho mutabikora ubu ? Iyo demokarasi muzayinjiramo mute"? Igisubizo nyacyo kikabura. Abavuga ibyo ukumva ari ya mayeri ya politiki yo gushaka guhora mu nzibacyuho itarangira, cyangwa ari kwa gutinya gushaka ibisubizo bishya, maze bagahitamo kwigana politiki z'ibindi bihugu bitari ibyabo.

Nkuko nabisobanuye, INYABUTATU NYARWANDA ntiyubahiriza amahame y'uburenganzira bw'ikiremwa muntu kuko irimo ironzakoko n'ivangurabanyarwanda. Abanyepolitiki baramutse bashyizeho ingabo bashingiye ku ngirwamoko ziyumvamo, iza ngabo zarengera mbere na mbere ayo moko ya politiki kuko ari yo yaba yarazihesheje imyanya zaba zirimo, aho kurengera igihugu n'abenegihugu bose. Ikindi ni uko icyo gitekerezo kirimo ivangura rikomeye kuko hari abanyarwanda benshi batazi ayo ngirwamoko kuko batarayamenya, hakaba n'abatayiyumvamo kuko batayemera ndetse n'abatayashaka. Abo bose kandi kuba ingabo z'igihugu nabo ni uburenganzira bwabo. Nabo batemerewe kuba abasilikare cyangwa abapolisi byaba ari akarengane. Tuvugishije ukuri rero, iza ngabo ntizaba ari iz'igihugu ahubwo zaba ari iz'abanyepolitiki bo mu mashyaka n'ingirwamoko yabo baba bakoresheje kugirango babone uko bagera ku butegetsu. **Urwanda ni urw'abanyarwanda twese, ntabwo ari urw'inyabutatu.**

Ingabo zishinzwe kurinda umutekano n'ubusugire bw'igihugu, naho Sosiyete sivili ikaba ishinjwe kuba ijwi n'ijisho rya Rubanda kandi ikarengera amategeko. Mu by'ukuri, kubwira abanyarwanda ngo uzakoresha intwari z'amoko ya politiki ngo kugirango ubazanire demokarasi ni ukubabeshya.

4.2.3.3 Hakorwa iki kugirango ingabo zishinzwe umutekano zireke kuba iz'amashyaka n'amoko ya politiki?¹⁰

Ingingo ya 1. Nkuko nabivuze, dukwiye kuvana politiki mu ngirwamoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa. Urugero natanga ni uko: kwitirira bamwe mubo mudahuje ingirwabwoko ibyaha byakozwe n'abandi ubabeshyera, kimwe no kwiyitirira akababaro ka bamwe mubo muhujwe ingirwabwoko wibwira ko ufite uburenganzira kurusha abo bandi ubeshyera, iyo ni politiki y'ironzakoko. Nta muntu ukwiye kubaza umunyarwanda ingirwabwoko bwe cyangwa kugira ubwo amutwerera. Ibyo tugomba kubirenga. Ubwo ni uburyo bumwe bwo kurwanya ironzakoko.

Ingingo ya 2. Dukwiye kandi kuvana amoko muri politiki, kugirango amashyaka atayashingiraho kuko guhuza ingirwabwoko bitavuze kugira ibitekerezo bya politiki bimwe. Nkuko tubizi, politiki y'INYABUTATU yari iya *Cyami* kandi, nkuko nabivuze, ABAHUTU, ABATUTSI n'ABATWA biswe ko ari AMOKO n'ingoma ya *Gikoloni* mu gifaransa bavugaga ko ngo ari « ethnies » kandi atari byo. Nyamara ingoma ya *Cyami* n'ya *Gikoloni* twarazisezereye, zisimburwa na *Repubulika* ishingiyeye kuri politiki y'AMASHYAKA. Niyo mpamvu *Inyabutatu* yagombaga gusimburwa n'amashyaka kuko bidashobora kubangikana. Ni kimwe cyangwa ikindi. INYABUTATU NTIYUBAHIRIZA AMAHAME YA DEMOKARASI¹¹ kuko itubakiye ku bitekerezo bya politiki nkuko bimeze ku MASHYAKA; ivangura abanyarwanda kandi ikanabasumbanya, mu gihe politiki y'amashyaka yo igendera ku mahame y'uburenganzira bwa muntu ahuza abantu kugirango bareshye imbere y'amategeko. INYABUTATU nta gahunda ya politiki (programme politique) igira. Amakimbirane twagize ni aho yaturutse. Ndahamya ko iza ingingo 2 zubahirijwe ayo ngirwamoko yava no mu mitwe y'abanyarwanda bakiyiyumvamo.

Ingingo ya 3. Kuvana ingabo zishinzwe umutekano (igisilikare n'igipolisi) muri politiki. Nta shyamba kugira ingabo kandi ingabo ntizigomba gukora politiki kuko ari iz'abanyarwanda bose, kuko zigomba kurengera bose. Iyo ingabo zibaye iz'amashyaka, zarengera abashyigikiye cyangwa abayoboke b'ayo mashyaka gusa, abandi bakaharenganira. Icyo gihe rero, iza ngabo ntizakwitwa ko ari iz'igihugu.

Ingingo ya 4. Ingingo ya 2 n'ya 3 maze kuvugaga zirerekana ko amashyaka aramutse adashingiye ku moko ya politiki maze ntabe ay'INYABUTATU kandi ntagire ingabo, ahubwo akagenda ku bitekerezo

¹⁰ Comment dépolitiser et désethniciser l'armée et la police?

¹¹ Le système politique INYABUTATU est anti-démocratique et ne respecte pas la dignité humaine.

bya politiki, izo ngabo nazo ntizagira ayo ngirwamoko kuko zitaba iz'INYABUTATU, kandi ntizakora politiki, ahubwo zashyirwaho hakurikijwe ubushake n'ubushobozi zifite bwo kurengera umutekano w'abanyarwanda bose no gukunda igihugu. Ni bwo rero zaba ingabo z'igihugu nyine koko aho kuba iz'amashyaka cyangwa iz'amoko ya politiki.

Mu magambo ahinnye ndagira nti: Ingabo zivuye muli politiki, ingirwamoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa nayo akava muri politiki kandi akavanwamo politiki, izo ingabo ntizakwiyumvamo ayo ngirwamoko kandi nibwo zahinduka ingabo z'igihugu n'abanyarwanda bose.

Ingabo ntizigomba kuba mu mashyaka, ntizinakwiye kwibonamo ubuhutu, ubututsi n'ubutwa kuko zitagomba gukora politiki. Dukeneye ingabo zitarangwa n'ayo MOKO YA POLITIKI.

5. Niturinde uburezi n'urubyiruko ironzakoko n'ivanguramoko ya politiki

Inyigisho zimwe z'ivangura n'ironzakoko ziva mu miryango yacu, mu mashuri no muri politiki n'amadisikuru ya bamwe mu bayobozi. Nkuko nabyerekanye ingirwamoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa ntari mu muco nyarwanda kuko ari aya politiki. Abanyarwanda bayiyumvamo kuko bayacengejwemo n'ababyeyi, abarimu ndetse n'abategetsu bitewe n'ingengabitekerezo za politiki. Ibyo nitubirinde abana bacu ndetse n'urubyiruko.

5.1 Inyigisho zo mu miryango y'abanyarwanda

5.1.1 Ubuhamya bwanjye

- Mu miryango mvukamo umwe mu babyeyi banjye yakundaga kutuganiza ku moko gakondo y'umuco nyarwanda, naho ay'Inyabutatu ntagire umwanya ayagera muri ibyo biganirwa, undi mubyeyi we nkaba ntaramumenye kubera politiki mbi y'igihugu yari yaradutanyije kuko yari impunzi. Ibi mbyangizeho ingaruka mu buzima bwanjye kuko hari inshuti zanjye ntari nzi ingirwamoko yabo kandi bo baribwiraga ko duhuje ubwoko. Hari uwigeze kumbwira ko ngo mbere yo kugira mugenzi we inshuti abanza kumenya niba bahuje ingirwabwoko. Ni uko abonye ntangaye agwa mu kantu ahita abona ko yanyibeshyeho.
- Ubundi buhamya navuga ni uburebana n'inshuti zanjye Védaste twabanye igihe kinini kuva mu mashuri yisumbuye na nyuma nyaho, wishwe muri génocide. Sinigeze menya niba yari umuhutu cyangwa umututsi kuko ntari narabyitayeho kubera ko tutigeze tubiganiraho, kandi nawe, nkurikije urukundo rwacu, sinemeza ko hari ubwoko ubu n'ubu yanyitiriraga.

5.1.2 Uburere buruta ubuvuke kandi amoko ya politiki ntavukanwa

Uretse no kuba tuzi ko UBURERE BURUTA UBUVUKE nkuko umugani w'Ikinyarwanda ubivuga, amoko y'INYABUTATU **ntavukanwa** nkuko babitubeshye. Nta munyarwanda uvuka ari umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, ahubwo arabyigishwa noneho yamara kubyemera akiyumvamo ko nawe agize bumwe muri ayo ngirwamoko (psychologie). Ababyeyi b'umwana batamubwiye ubwoko bw'Inyabutatu bemera ko bafite maze ngo banamubwire ko umunyarwanda afata ubwoko bw'umwe mu babyeyi be, nta na bumwe uwo mwana yakwiyumvamo ubuzima bwe bwose. Ahubwo ababwagishijwe n'ababyeyi babo ni bo batwerera cyangwa bitirira abandi ingirwamoko bitewe n'ibyo babeshywe ko ngo biyatandukanyaga. Abana b'abanyarwanda batagize amahirwe yo kumenya ababyeyi babo cyangwa ntibakurire mu miryango yigisha ayo **ngirwamoko**, yaba imiryango y'abanyarwanda cyangwa abanyamahanga barerewemo, abo ntibiyumvamo ko ari abahutu, abatutsi cyangwa abatwa, uretse kuyumva mu nyigisho z'amateka y'U Rwanda.

5.2 Inyigisho zo mu mashuri

Navuga ko imibereho yo mu buto bwanjye ari yo isobanura impamvu ndangiza amashuri abanza natinyutse gusobanura mwalimu itandukanyirizo riri hagati y'amoko yo mu muco nyarwanda n'ay'Inyabutatu, nkamubaza impamvu yose yitwa izina rimwe (amoko), ariko igisubizo yampaye kikaba kitaranyuze nkuko nabivuze. Hari muri cya gihe cy'imvururu zo muri 1973 ubwo abanyeshuri b'abatutsi birukanwaga mu bigo by'amashuri.

Mu mashuri bigisha amateka y'igihugu. Kubera ko ayo mateka yagiye agorekwa kubera inyungu za politiki, kandi ku ngoma zose izo politiki zikaba zarubakiwe ku ngirwamoko, ayo mateka akwiye guzasubirwamo. Ingaruka z'ibyo, ni uko hari abanyarwanda bakunze kwibona mu butegetsi bw'imwe mu ngoma zayoboye Urwanda bitewe n'ingirwabwoko bibonamo mbere yo kwiyumvamo ubunyarwanda. Hakwiye kuzandikwa rero andi mateka mashya atagize ingoma ya politiki abogamiraho kandi atarimo ibinyoma. Ni yo mpamvu muri uyu mushinga nshyigikiye ko hakwiye kuzabaho **inama mu rwego w'igihugu** irimo abanyarwanda bo mu mpande zose kugirango baganire ku kibazo cy'abahutu, abatutsi n'abatwa maze bandike amateka mashya y'ukuri.

5.3 Ingengabitekerezo za politiki zigishwa n'abayobozi

Kimwe n'uko abanyarwanda batavukana ingirwamoko nkuko nabisobanuye, nta n'ukwiye kubeshyerwa ko avukana ibitekerezo by'intagondwa cyangwa by'ubuhezanguni bitewe n'urwango rw'abo badahuje ingirwabwoko, nubwo ibyo bitekerezo byaba bifitwe n'ababyeyi be. Inzangano n'inzigo zishingiye ku ngirwamoko y'Inyabutatu zituruka cyane ku banyepolitiki, noneho ababyeyi bemera ingengabitekerezo zabo bakazigisha abana babo. Ibyo nabyo rero birigishwa. Ngo "umwana apfira mw'iterura". Aha ni ho umuntu abonera **ikinyoma cy'umuco wa politiki** wemeje ko ngo ariya **ngirwamoko** avukanwa. Kimwe n'uko politiki itavukanwa, amoko ya politiki y'Inyabutatu nayo ntashobora kuvukanwa. Amagambo « amoko-inkomoko » afitanye isano. Amoko gakondo y'umuco nyarwanda ni ay'imiryango dukomokamo. Nta bwibone cyangwa ubuhezanguni usanga muri ayo moko gakondo kuko areba abanyarwanda ku giti cyabo, mu miryango yabo.

Indi ngengabitekerezo y'ikinyoma irimo ivangura ni iy'abavuga ko abahutu, abatutsi n'abatwa ngo badahuje amaraso. Ibi ababivuga babivana he koko? Imvugo ikunze gukoreshwa ko ngo abana bavuka ku bahutu n'abatutsi ari "*imvange*", ntabwo ikwiye mu by'ukuri kuko ayo ngirwamoko ataba mu maraso, ahubwo aba mu myumvire, mu mitekereze ya politiki no mu mitwe y'abanyarwanda. Amaraso y'umuntu ntahinduka ariko imyumvire n'ibitekerezo bye bishobora guhinduka, niyo mpamvu umuhutu ashobora guhinduka umututsi cyangwa umututsi agahinduka umuhutu.

Muri iki gihe, hari abiha kugereranya politiki z'U Rwanda n'z'ibindi bihugu kugera aho bagereranya bamwe mu bahutu n'ABANAZI b'abadage, abatutsi n'ABAYAHUDI bo muri Israél bashaka kuvuga ko génocides 2 zakorewe abo banyuma zabaye kimwe. Ikibabaje ni uko abo bita bamwe mu bahutu abana b'ABANAZI bafite ubwenegihugu bw'Ububiligi cya gihugu cyakolonije Urwanda, abo bakoloni bakaba ari bo babeshye ko Hutu, Tutsi na Twa ngo ari « ethnies » bamaze gupima abanyarwanda bimwe mu bice by'imibiri yabo, aho kubabaza ingirwabwoko biyumvamo ubwaribwo. Iyo abo bakoloni baza kubigenza gutyo, abanyarwanda bari kwandikisha amoko yo mu muco karande. icyo gikorwa cy'urukozasoni kibi cyatesheje Abanyarwanda agaciro k'ubumuntu bwabo ubwo bemeraga ko ibyo abakoloni bababwiye ari ukuri kandi nyamara ari ikinyoma.

Abo bita bamwe mu bahutu abana b'ABANAZI bakwiye ahubwo kwibuka amateka n'uruhare politiki y'igihugu cyabo yagize mu gihe cy'ubukoloni bw'Urwanda mu gutanya, guteranya no kwanganisha Abanyarwanda, bakabisabira imbabazi maze ibihugu byombi bikiyunga, aho gukomeza iyo politiki mbi ya gateranya. Ibyo kandi birareba n'abandi banyamahanga bigira abavugizi b'abahutu cyangwa b'abatutsi ntawabibatumye, bagacuruza izo ngirwamoko bagamije kubashyamiranya kubera inyungu zabo bwite, kuko izo ntambara iyo zibaye iwacu nta n'umwe muri abo uza kudutabara. Kubera iyo mpamvu rero, nubwo abo banyamahanga bazi ko dusangiye urulimi, umuco n'igihugu, ntibashobora kureka kutwita « ethnies » mu gihe natwe ubwacu tukibyemera. Kwivanamo ibitekerezo bya gihake na gikoloni ni twebwe Abanyarwanda bireba.

Ibindi bidakwiye ni ukwitirira umwana uwariwe wese ibyaha byaba byarakozwe n'umubyeyi we. Birababaje kandi biteye agahinda kubona hari abantu bagitekereza, mu gihe tugezemo, ko umuntu yahanirwa icyaha cy'undi. Ibikorwa byo guhora, kwihorera no guhorera abandi ni ibyo mu muco wa kera w'ingoma za cyami. Abatekereza batyo aho kujya imbere barasubira inyuma. Niyo mpamvu urubiruko rw'ubu rukwiye kugira uruhare runini mu kwamagana ibyo bitekerezo bishaje bihungabanya uburenganzirwa bw'ikiremnamuntu kuko bivangura abanyarwanda.

Ingero zimwe zirebana n'icyaha cy'itsembabwoko (génocide):

- guhakana ko nta bakoze icyaha cy'itsembabwoko kandi hari abagikoze babyiyemerera nta terabwoba bahyizweho ushaka kubarengera kugirango badahanwa;
- guhimbira umunyarwanda icyaha cy'itsembabwoko umubeshyera kandi ubizi neza kubera gusa ko ari umuhutu;
- gushyiraho umuntu icyaha cya génocide kugirango azahanwe mu mwanya w'uwigikoze;
- gutegeka bamwe mu bahutu gusaba imbabazi z'ibyaha bya génocide batakoze;
- gutegeka bamwe mu bahutu gusaba imbabazi z'ibyaha bya génocide mu mwanya w'ababikoze; n'ibindi.

5.4 Amoko ya politiki y'Inyabutatu siyo aranga abanyarwanda

5.4.1 Ubuhamya bwanjye

- Nigeze kuganira n'umunyarwanda warokotse génocide kuby'amoko ya politiki y'Inyabutatu noneho nsobanura imwe mu mpamvu zatumye nshyiraho uyu mushinga. Mubwira muri make imibereho yanjye, kandi musobanurira ko nifuje kwumva impamvu bamwe mu barokotse itsembabwoko ryakorewe abatutsi barihoreye kuri bamwe mu bahutu bazi neza ko batigeze barigiramo uruhare, ndetse bamwe barabafashije kurokoka. Maze kumuha ubwo buhamya, yambwiye ko ntari umuhutu simbe n'umututsi. Namushimiye ko nibura we atarebye isura yanjye cyangwa ngo ambaze ingirwamoko y'ababyeyi banjye kugirango abone kunyita umuhutu cyangwa umututsi. Ahubwo yavuze ibyo amaze kwumva ibitekerezo byanjye n'ukuntu nabayeho, amaze kundeba mu mutwe !

5.4.2 Amoko ya politiki si amasano kandi siyo aranga abanyarwanda

Ni ukuvuga rero ko hariho abanyarwanda badafite ayo ngirwamoko. Ikindi nishimiye ni uko ubwo buhamya bwashoboye kwumvisha uwo munyarwanda ko ingirwabwoko bwe atari bwo akwiye gushyira imbere kandi ko ibyo bitamubuza kwumva ko yarokotse itsembabwoko ry'abatutsi. Ibyo byongeye gushimangira ko amoko ya politiki y'Inyabutatu aba mu mitwe y'abayiyumvamo kandi ko atavukanwa nkuko nabivuze. Bityo rero, ntabwo ari amasano nkuko bamwe bakunze gushuka abandi ngo ni "bene wabo". Ngo "uriya ni uwacu"! Abiyumvaho ubuhutu nta kindi bapfana uretse ubumuntu n'ubanyarwanda.

Abiyumvamo ubututsi cyangwa ubutwa, nabyo ni ikimwe. **Ibi ni byo nkangurira urubwiruko kugirango rureke gushukwa na bamwe mu banyepolitiki bananiwe kwivanamo icyo kinyoma cy'ingoma ya cyami nyamara bavuga ko basezereye.** Ndemeza rero ko hari abanyarwanda benshi batari abahutu, abatutsi ntibabe n'abatwa kuko batigeze babwirwa izo ngirwamoko (urubwiruko) cyangwa kuko bataramenya ubwenge (abana bakiri bato), bityo ayo moko ya politiki y'Inyabutatu akaba atari mu mitwe yabo. Abo babajijwe ingirwabwoko bwabo bavuga ko batabuzi cyangwa ntihagire n'icyo basubiza kuko baba bataragira uko kwemera ngo babe abayoboke b'ingengabitekerezo yabwo.

Abanyarwanda batigeze bacengezwamo ingengabitekerezo z'amoko ya politiki n'ababyeyi babo, abarimu, inshuti zabo cyangwa abanyepolitiki, abongabo ntibashobora kuyavangura kuko baba batayazi. Ni yo mpamvu abanyepolitiki bahera ku rubwiruko bakarukongezamo ingengabitekerezo z'ivangura iyo bashaka gutanya abanyarwanda.

Ingirwamoko y'Inyabutatu afitwe rero n'abayemera, ariko abatayemera n'abatayazi ntayo bafite. Urubwiruko ni mwebwe RWANDA RW'EJO. Nimukanguke mushishoze mureke kwemera ibitekerezo bishaje bamwe mu banyepolitiki, abarimu n'ababyeyi babashyiramo, mubahate ibibazo kugeza igihe musobanukiwe n'ibinyoma byaranze amateka y'igihugu cyacu. Nimushake namwe ibitekerezo bishya bya politiki bizaca burundu irondakoko n'ivangura. Kubera ko nta nenge mufite zishingiye kuri politiki zatanyije kandi zigateranya Abanyarwanda, ni mwe muzahindura Urwanda. Abanyepolitiki nibabagirire icyizere kandi twese Abanyarwanda tubashyigikire.

III. UKURI, IMBABAZI N'UBWIYUNGE BIVA MU BIGANIRO

Tumaze kubona ko amoko ya politiki y'abahutu, abatutsi n'abatwa ashingiyeye ku binyoma by'abashaka(ga) gutanya abanyarwanda. Buri wese amaze kwumva ko impamvu abanyarwanda bagizwe abahutu, abatutsi n'abatwa ari ukubera politiki, byamufasha kwibabarira ubwe no kubabarira uwamuhemukiye amuziza ingirwabwoko bwe, kuko imyumvire yaba imaze guhinduka.

Ubumwe nyabwo, ubwigenge n'ubwiye nyakuri tuzabugeraho nituva muri « gereza » ya politiki y'Inyabutatu tugasenya ibinyoma byayo. Kugirango bishoboke, tugomba kugira ibyo twigomwa (sacrifices). Nitumara kwibohora nibwo tuzashobora kugira ubwisanzure nyabwo. Abanyarwanda bagifungiranye muri iyo gereza ya politiki ni abagishyira ubuhutu, ubututsi n'ubutwa imbere, kuko batarahumuka ngo babone ko ayo ngirwamoko ari intwari abanyepolitiki bakoresha igihe bashakiye bitewe n'inyungu zabo z'ubutegetsu. Niyo mpamvu dukwiye guhindura système politique twasigiye n'abakoloni kugirango inzego z'ubutegetsu zose abanyepolitiki bakoresha bahungabanya abanyarwanda zive mu maboko yabo maze zihinduke iz'ubuyobozi bwa Sosiyete sivili yigenga.

Hari Abanyarwanda biyita abahutu, abatutsi n'abatwa kandi bazi neza ko izo nyito atari amoko y'ukuri, ariko bakabiterwa n'impamvu za politiki y'ubutegetsu cyangwa iy'imibanire yabo n'abandi kuko ari byo twamenyereye kwumva. Dukwiye gutinyuka **tukabiganiraho** kugirango dushake UKURI nyakuri. Ibyo biganiro rero birakenewe.

Mu ndirimbo yabo yitwa « *Mbwira Munyarwanda* »¹², abagize Groupe « *Icyubahiro* » bahamagariye abandi banyarwanda kwitabira ibiganiro bagira bati:

- | | | |
|--|-----------------------|---|
| 1. "Ngwino muvandimwe munyarwanda
Ngwino shirika ubwoba unsange
Ngwino renga ubwoko utinga
Nanjye ndaje maze duhure
Tuvuge byose tutibeshya
Jye ndaje, ndaje shenge | RESPECT
ICYUBAHIRO | 2. Nituvuge ibyateye ariya mahano
Tubivuge imizi n'imihamuro
Tureke kwitwaza ayo moko
Nayo kera azabe umugani ucibwa
Ngwino twegerane dusabane
Niturangiza duce ku nda |
|--|-----------------------|---|
3. Maze intego yacu ibe iy'umubano"

IV. ICYIFUZO CYA Projet DVJP . UMUSHINGA W'UBWIYUNGE NYAKURI

Kiliziya gatolika yizihiza ivuka rya Yezu Kristu n'ubumwe bw'abakristu tariki ya **25 Ukuboza**. Mu mateka y'URwanda, Kizito Mihigo w'i Kibeho nawe yakozwe ibikorwa by'indashyikirwa byo kwunga abanyarwanda kugirango bagire ubumwe ashingiyeye ku nyigisho za Yezu Kristu (urukundo, imbabazi, ubwiye, n'amahoro), atwubakira umusingi w'inzu y'amahoro: Fondation KMP (Kizito Mihigo pour la Paix). Nkuko yigishaga imbabazi adusaba kubabarirana, abo yaba yarakoreye ibyaha bamubabarira kimwe n'uko nawe yababariye ababimukoreye. Kubera iyo mpamvu rero, ibyo bishobotse, tariki ya **25 Nyakanga** twibukiraho ivuka rya Kizito Mihigo w'i Kibeho yagirwa: « **Umunsi w'Ubumwe n'Ubiye nyakuri bw'Abanyarwanda – Journée Rwandaise pour l'Unité et la Réconciliation authentique** ».

Ubwobumwe tuzabugeraho byuzuye nitubona **ubwisanzure n'ubwigenge busesuye**. Uwo munsi w'amahoro arambye tuzawizihiza nidusohoka muri gereza ya politiki y'Inyabutatu-ngirwamoko tugasenya inkuta ngengabitekerezo Hutu-Tutsi-Twa, tukabana neza mu nzu y'amahoro izira amahano yubakishijwe UKURI-UBUTABERA-IMBABAZI. Uwo munsi w'impinduka y'ubwigenge bushya ni wo dutegereje.

Ibibazo bidasanzwe bicyemurwa n'umuti udasanzwe, kandi impinduka nziza ikorwa n'ibitekerezo bishya !

HARAKABAHO UBUMWE N'UBWIYUNGE NYAKURI !
HARAKABAHO UBWISANZURE N'UBWIGENGE BUSESUYE BW'ABANYARWANDA !

MUSOMESHA Aloys
Umuyobozi n'Umuhuza w'Umushinga w'Ubiye nyakuri

¹² Le Groupe de dialogue "ICYUBAHIRO", Belgique, 2003

**I n g i n g o z i g i z e i y i
n y a n d i k o**

RWANDA

MPINDUKA Y'UBWIGENGE BUSESUYE BW'ABANYARWANDA

I. UKWEZI KW'IMPINDUKA ZA POLITIKI MU RWANDA.....	1
II. DUSHAKE UMUTI N'URUKINGO BY'IRONDAKOKO N'IVANGURABANYARWANDA MAZE TWUBAKE UBUMWE MU BWIGENGE BUSESUYE.....	2
1. Irondakoko n'ivangura bisobanura iki ?.....	2
2. Irondakoko n'ivanguramoko ya politiki mu Banyarwanda.....	3
3. Ibimenyetso byerekana ko INYABUTATU igizwe n'amoko ya politiki	4
3.1 Ubuhamya bwanjye	4
3.2. Bimwe mu bimenyetso by'uko HUTU, TUTSI na TWA ari AMOKO YA POLITIKI	4
3.3 Ubumwe nyakuri tuzabugeraho dute ?.....	8
4. Umuti n'urukingo by'indwara y'irondakoko n'ivanguramoko ya politiki.....	10
4.1. Umuti.....	10
4.2. Urukingo.....	10
4.2.1 Kuvana amoko muri politiki kandi nayo tukayavanamo politiki.....	10
4.2.2. Amashyaka ya politiki ntagomba kugira ingabo z'igisirikare n'iza gisivili.....	11
4.2.3 Ingabo ntizigira amashyaka n'amoko ya politiki kuko zidakora politiki.....	12
4.2.3.1 Abashinzwe umutekano w'igihugu ntibagomba gukora politiki.....	12
4.2.3.2 Abashinzwe umutekano w'igihugu ntibagomba kwibonamo amoko ya politiki.....	13
4.2.3.3 Hakorwa iki kugirango ingabo zishinzwe umutekano zireke kuba iz'amashyaka n'amoko ya politiki?	14
5. Niturinde uburezi n'urubwiruko irondakoko n'ivanguramoko ya politiki	15
5.1 Inyigisho zo mu miryango y'abanyarwanda.....	15
5.1.1 Ubuhamya bwanjye.....	15
5.1.2 Uburere buruta ubuvuke kandi amoko ya politiki ntavukanwa.....	15
5.2 Inyigisho zo mu mashuri.....	15
5.3 Ingengabitekerezo za politiki zigishwa n'abayobozi.....	16
5.4 Amoko ya politiki y'Inyabutatu siyo aranga abanyarwanda.....	17
5.4.1 Ubuhamya bwanjye.....	17
5.4.2 Amoko ya politiki si amasano kandi siyo aranga abanyarwanda.....	17
III. UKURI, IMBABAZI N'UBWIYUNGE BIVA MU BIGANIRO	18
IV. ICYIFUZO CYA Projet DVJP . UMUSHINGA W'UBWIYUNGE NYAKURI	18